2025
Mutarama - Werurwe

Vol. 101, No. 1

Ibyigisho bya Bibiliya mu Ishuri Ryo ku Isabato by'Abakuze



UMUGABANE WA 1

# Ubutumwa Bwiza uko Bwanditswe na Yohana

# Ibirimo

ISHURI RYO KU ISABATO


1. Ubutumwa Bwiza uko Bwanditswe na Yohana.........5
2. Umwana w'Intama w'Imana....................................10
3. Ubukwe bw'i Kana...................................................15
4. Yesu mu Rusengero.................................................20
5. Yesu na Nikodemo...................................................26
6. Imikorere y'Umwuka Wera.......................................31
7. Yesu na Yohana Umubatiza.....................................36
8. Yesu n'Umugore w'Umusamariyakazi.......................41
9. Ivuka ry'umuvugabutumwa.......................................47
10. Yesu n'Umwana w'umutware...................................52
11. Yesu n'Ikirema cy'i Betesida...................................57
12. Ubutware bw'Umwana...........................................62
13. Yesu agaburira imbaga y'abantu benshi.................67


**Ibyigisho bya Bibiliya mu Ishuri ryo ku Isabato**, Ni porogarame y' ibyigisho bya buri munsi.

**Ibi byigisho by' ishuri ryo ku Isabato** bishingiye kuri Bibiliya n' umwuka w' ubuhanuzi gusa. Kwiga byimbitse muri iki gihe bigomba gushishikariza buri wese witegura kugaruka k' Umukiza wacu Yesu.


**"IBYIGISHO BYA BIBILIYA MU ISHURI RYO KU ISABATO"**

Bitegurwa n'inteko y'ubuyobozi bukuru bw'itorero ry'Abadivantisite b'Umunsi wa 7 Bavugurura

**GENERAL CONFERENCE**

5240. Hollins Road

Roanoke - Virginia 24019-5048 USA

**Amashusho**: Advent Digital Media ku rupappuro rw'imbere, ikarita kuri p.4, 30, 72, Good Salt kuri p.51, 72

# Ijambo ry'Ibanze

Mu bihembwe bine bigize uyu mwaka, tuziga ubutumwa bwiza uko bwanditswe na Yohana. Kubera kwiyoroshya, umwanditsi w'ubutumwa bwiza bwa kane, ntiyivuze; kandi nta na rimwe yigeze avuga ko ari umwe mu bigishwa babiri ba mbere bakurikiye Yesu (Yohana 1:37). Ahubwo yerekeza ku "undi mwigishwa", "wa mwigishwa", "umwigishwa.... uwo yakundaga", "umwigishwa Yesu yakundaga", na "umwigishwa uhamya ibyo bintu". (Yohana 18:15; 19:26; 21:20, 23,24). Kuba hari abandi bigishwa b'ibikomerezwa bavugwa mu mazina, ariko izina rya Yohana rikaba ritavugwa, bisa n'aho bigaragaza ko agomba kuba ari we wanditse ubwo butumwa bwiza.

Dukurikije uko Umwuka w'Ubuhanuzi ubivuga, umwanditsi w'ubutumwa bwiza bwa kane ni Yohana, "umwigishwa Yesu yakundaga". Yari umwe mu bigishwa batatu biboneye ubwiza bwa Yesu ku musozi yahinduriweho ishusho [akarabagirana] ndetse n'umubabaro Kristo yagiriye mu gashyamba [ka Getsemani] mbere gato yuko afatwa. Imibereho ye ni urugero ruhebuje rugaragaza ukuntu imbaraga y'Imana ishobora guhindura mu buryo bwuzuye "umwana w'inkuba" akaba umuntu ufite imyitwarire irangwa n'urukundo kandi ufite ubushishozi bwimbitse mu by'umwuka.

"Yohana yomatanye na Kristo nk'uko ishami ry'umuzabibu ryomatana n'igiti. Ku bwa Shebuja yatinyutse akaga kari kumuberaho mu cyumba Kristo yaciriwemo urubanza ndetse yagumye hafi y'umusaraba, kandi amaze kumva inkuru nziza ko Kristo yazutse yihutiye kujya ku mva ndetse bitewe n'ishyaka yari afite ahatanga Petero wahubukaga.

"Urukundo rutagajuka no kwitanga atizigamye byagaragariye mu mibereho no mu mico ya Yohana, byigisha Itorero rya Gikristo inyigisho zifite agaciro katarondoreka. Yohana ntiyari asanganwe imico irangwamo urukundo yaje kumugaragaraho mu mibereho ye ya nyuma. Mu bisanzwe yari umunyamakosa muri kamere ye. Ntiyiratagа cyangwa ngo yiyemere gusa, cyangwa ngo aharanire kugira icyubahiro ahubwo yarahubukaga kandi akihorera. We n'umuvandimwe we bitwaga "abana b'inkuba." Kurakazwa n'ubusa, kwifuza kwihorera ndetse n'umwuka wo kugaya abandi byose byarangaga uwo mwigishwa ukundwa. Nyamara munsi y'ibi byose Umwigisha mvajuru yakuyemo umutima w'ukuri kandi w'urukundo. Yesu yacyashye ukwikunda kwe, aca intege ukwishongora kwe kandi agerageza kwizera kwe. Ariko yamuhishuriye ibyo umutima we wifuzaga ari byo: ubwiza bw'ubutungane n'imbaraga ihindura y'urukundo." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.539,540.

Abategetsi ba kera bose bavuga ko ubutumwa bwiza bwa Yohana bwandikiwe muri Efeso ahagana mu mwaka wa 90 nyuma ya Yesu cyangwa mbere yaho. Uwo mwigishwa yari yarashyizwe mu kintu kimeze nk'igisafuriya kinini kirimo amavuta ari kubira, nuko arokotse urupfu mu buryo bw'igitangaza, nyuma yaho aza kohērwa ku kirwa cya Patimo (Ibyahishuwe 1:9). Aho niho yandikiye Ibyahishuwe. Nerva amaze kwima ingoma (mu mwaka wa 96 nyuma ya Kristo), yashoboye gusubira muri Efeso; aho bitekerezwa ko yakomeje kuba kugeza igihe yapfiriye ku ngoma ya Trajan (98 – 117 Nyuma ya Kristo).

Reka Umwuka wa Kristo ayobore ibyigisho byacu muri iki gihembwe, kandi akabakabe imitima yacu mu gihe yemeye urukundo Rwe.

*Icyiciro cy'Ishuri ryo ku Isabato mu Nteko Nkuru Rusange*

# Amaturo y'Isabato ya Mbere

Ku isabato 4 Mutarama 2025

**Azagenerwa Ikigo**
**Nderabuzima n'Uburezi muri Paragwe**






Repubulika ya Paragwe ni igihugu cyo muri Amerika y'Amajyepfo kidakora ku nyanja, aho ikikijwe na Alijantine, Boliviya na Burezili. Gituwe n'abaturage bagera kuri Miliyoni 6.1. Muri bo 96.1% bavuga ko ari Abakristo (88.3% ni Abagatolika, 7.8% bafite indi myizerere ya Gikristo), 2.6% bavuga ko nta dini bagira, abasigaye ni abo mu yandi madini cyangwa akaba atanazwi. Ubukungu bw'igihugu bushingiye ahanini ku buhinzi, cyane cyane soya, kandi mu myaka 50 ishize, Paragwe yateje imbere inganda nini z'amashanyarazi.

Abizera ba mbere b'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura bageze hano bavuye muri Hangariya mu myaka ya 1940, kandi umurimo warushijeho kwaguka mu myaka ya 1950; binyuze mu murimo w'ibwiririshabutumwa ibitabo hanyuma mu myaka ya 1970 babinyuza mu murimo w'ibwirizabutumwa ry'ubuvuzi. Ubu ngubu dufite itsinda ry'abizera b'indahemuka mu mijyi minini.

Mu gihe cy'imyaka myinshi, twari dufite ikigo cy'ubuvuzi gakondo [bukoresha ibimera] cyakoreraga mu murwa mukuru wa Asunción, cyatumaga dushobora kugeza ubutumwa bwiza ku bantu benshi no kubigisha imibereho y'abasigaye bo mu bwoko bw'Imana. Dufashijwe n'Imana n'itsinda ryacu ry'abahanga mu by'ubuvuzi, turizera kubyutsa ivuriro, ariko kugirango rikore nk'ikigo cyo gukwirakwiza ubutumwa mu mujyi, no gukomereza mu cyaro kubwo gusohoza itegeko ry'Imana: "Muve mu mijyi. Nimwubake amavuriro yanyu, amashuri yanyu n'amazu mukoreramo kure y'ubucucike [bw'imijyi]." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 2, p.357.

Hamwe n'iyi ntumbero twari dufite mu bwenge, twaguze ikibanza mu giturage cyiza cyane cyo mu ntara ya Paraguarí, ku birometero bigera kuri 66 uvuye mu murwa mukuru. Dufite urusengero n'inzu y'abapasiteri muri icyo kibanza, ariko ibyo ni intangiriro gusa. Intego ni ugushyiraho ikigo gifite imikorere myinshi kirimo ikigo nderabuzima, ishuri ry'itorero, urusengero, n'ibikoresho byo guteza imbere ibigo by'ibiribwa byita ku buzima byigenga.

Turasaba abavandimwe bacu ku isi yose gutangana ubuntu kugirango badufashe kugera kuri iyi ntego. Ubufatanye bwanyu buzatuma bishoboka guha imbaraga nshya icyiciro cya nyuma gikenewe kugirango umushinga urangire.

*Bene so na bashiki banyu bo muri Filidi ya Paragwe*

Ku Isabato, 4 Mutarama 2025

**Icyigisho 1**

# Ubutumwa Bwiza uko Bwanditswe na Yohana

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe (tubona ubwiza bwe busa n'ubw'Umwana w'ikinege wa Se), yuzuye ubuntu n'ukuri." (Yohana 1:14).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.44 – 51; 111 – 116.

"Kuva kera Kristo yari umwe na Se, kandi igihe yambaraga kamere y'umuntu, yari akiri umwe n'Imana." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 1, p.228.

## 1. YESU, UMWE NA SE

Kuwa Mbere
29 Ukuboza

a. Mbese Ijambo ry'Imana rivuga iki kuri Yesu mbere y'uko yigira umuntu? Yohana 1:1,2.

"Uhereye kera kose Umwami Yesu Kristo yari umwe na Se; yari "ishusho y'Imana," ishusho yo gukomera n'ubutware bwayo, "ukurabagirana k'ubwiza bwayo." Yazanywe muri iyi si yacu no kugaragaza ubwo bwiza. Yaje muri iyi si icuze umwijima w'icyaha kugira ngo atwereke umucyo uva mu rukundo rw'Imana — kugira ngo atubere 'Imana iri kumwe natwe.' " – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.19.

"Kristo, ari we Jambo, umwana w'ikinege w'Imana, yari umwe na Data wa twese uhoraho kandi bari bahuje kamere, imico, n'umugambi; ni We wenyine washoboraga kwinjira mu nama no mu migambi y'Imana." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.34.

b. Ni gute Yesu yabonwaga na Se n'abamarayika? Zaburi 45:6; Yesaya 9:6; Abaheburayo 1:3, 6-8.

"Abamarayika ni abakozi bashinzwe kugabura iby'Imana, barabagirana kubera umucyo bakomora imbere y'Imana, kandi bagurukisha amababa bihutira gukora ibyo [Imana] ishaka. Ariko Umwana Wayo, uwasizwe n'Imana, 'kuko ari ishusho ya kamere y'Imana' ni We "...kurabagirana k'ubwiza Bwayo." "kandi akaba ari we uramiza byose ijambo ry'imbaraga Ze." – Ibid.

## 2. UKO IREMA RYABAYEHO

Kuwa Kabiri
30 Ukuboza

a. Ni nde waremye ibintu byose? Yohana 1:3,10; Abakolosayi 1:15 – 17; Abaheburayo 1:2.

“Kristo ni we wahanitse ijuru, kandi ashinga n’imfatiro z’isi. Ukuboko kwe ni ko kwamanitse amasi mu kirere, kandi gushyiraho amoko y’uburabyo atandukanye ku misozi. “Ni we ushimangirisha imisozi imbaraga Ze”, ”inyanja ni iye, ni we wayiremye.” Zaburi 65:6; 95:5. Ni We wujuje isi uburanga, n’ikirere amajwi y’indirimbo. Kandi ku biri mw’isi byose, mu kirere, no mu bicu, yanditsemo ubutumwa bw’urukundo rwa Data wa twese.” – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.20.

b. Sobanura uburyo ijuru n’amasi byaremwe. Zaburi 33:6,9; 104:1 – 6.

“Imana yaravuze kandi amagambo yayo niyo yaremye ibiremwa byayo byo mu isi. Irema ry’Imana ni nk’uburyo bwazigamwe buyishoboza gukora ibiyinezeza.” – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw’Abadiventisiti b’Umunsi wa Karindwi*, vol 1, p.1081.

“Igihe isi yavaga mu biganza bya Rurema, yari nziza bihebuje. Ubuso bwayo bwari buriho imisozi, udusozi, n’ibibaya birimo inzuzi nziza n’ibiyaga bibereye amaso; ariko udusozi n’imisozi ntibyari bihanamye, ntibyarangwagamo ibyuho, ngo bigire ibihanamanga n’imikuku biteye ubwoba nk’uko bimeze ubu, udusongero, ibihanamanga n’ibitare byari bitabye mu butaka bwarumbukaga, bigatuma ahantu hose hamera ibyatsi bitoshye. Ntiharangwaga ibishanga bibi cyangwa ubutayu butagira ikimera. Iyo warebaga hose, amaso yakubitanaga n’ibiti by’igikundiro n’indabo zishimishije. Impinga z’imisozi zariho ibiti by’inganzamarumbo ubu tutabona. Umwuka wo mu kirere wari mwiza utagira ubwandu. Isi yose yarushaga ubwiza ubusitani bw’ingoro zirimbishijwe cyane. Ingabo z’abamarayika zabyitegerezanyaga umunezero, maze bakanezezwa n’imirimo itangaje y’Imana.” – *Abakurambere n’Abahanuzi,* p.44.

“Bibiliya ntiyemera yuko isi yatwaye imyaka n’imyaka igaturuka mu bintu runaka by’uruhurirane byagiye bihindagurika buhoro buhoro. Ibyanditswe Byera bivuga ko mu irema, bwiraga bugacya nk’uko byakomeje kuba mu yindi minsi yakurikiyeho. Ku iherezo rya buri munsi, habaga hari icyo Umuremyi yakoze.” – *Ibid*., p.112.

## 3. UMUCYO W'ISI N'IJURU

Kuwa Gatatu
31 Ukuboza

**a. Ni nde Nkomoko y'ubugingo bwose n'umucyo, kandi ni gute ibi bitugirira akamaro? Yohana 1:4 – 9; Ibyakozwe n'Intumwa 17:28.**

---

---

"Kuva kera kose, [Kristo] ni we wavugiraga mu muntu wese wagiye abwira abantu ijambo ry'Imana. Ibintu byose by'agahozo byagaragaye mu bantu b'ibirangirire kandi b'inyangamugayo babaye ku isi, byari ishusho imugaragaza." – *Uburezi*, p.73.

"Kristo ni we 'Mucyo waje mu isi ngo amurikire umuntu wese.' Yohana 1:9. Nkuko binyuze muri Kristo buri muntu wese afite ubugingo, ni nako binyuze muri We umuntu wese yakira imirasire y'umucyo uva mu ijuru." – *Ibid.*, p.29.

"Imbaraga y'Imana iracyakoreshwa mu gusigasira ibyo yaremye. Ntabwo umutima utera cyangwa ngo ibihaha bihumeke bitewe n'uko gahunda yashyizweho y'imikorere yabyo ikomeza gukoreshwa n'ingufu karemano byahawe. Igihe cyose ibihaha bihumetse cyangwa umutima utera, icyo kiba ari ikimenyetso kigaragaza ukuntu Imana itwitaho, ikatubeshaho Yo dukesha kubaho, kwinyagambura n'ubuzima bwacu. Kuva ku gasimba gato cyane ukageza ku muntu, icyaremwe cyose gifite ubuzima kibeshwaho buri munsi n'ubuntu bw'Imana......

"Nk'uko bamwe mu banyabwenge babivuga, imbaraga ikomeye ikorera mu byaremwe byose kandi ikabeshaho ibintu byose ntabwo ari ihame ryoroheje cyangwa ingufu zibikoresha. Imana ni umwuka; ariko iriho kandi ifite ibiyiranga, kuko umuntu yaremwe ku ishusho yayo. Imana yigaragarije mu Mwana wayo isa n'umuntu." – *Ibid.*, p.131.

**b. Mbese Yesu avuga iki ku byerekeranye n'uwo ari we? Yohana 9:5; 8:12; 3:19; 12:46.**

---

"Ubwo Yesu yavugaga aya magambo ati, "Ni jye mucyo w'isi," yatangaje ko ari we Mesiya. Umusaza Simeyoni...., yari yaravuze ko Yesu "ari we mucyo uvira amahanga kandi akaba ubwiza bw'ubwoko bw'Imana bw'Abisirayeli." Luka 2:32. Muri aya magambo, Simeyoni yavuze kuri Yesu yakoresheje imvugo y'ubuhanuzi izwi n'Abisirayeli bose. Umwuka w'Imana yari yaravugiye mu muhanuzi Yesaya ati, "Kuba umugaragu wanjye, ugakungura imiryango ya Yakobo ukagarura Abisirayeli bacitse ku icumu, ibyo ntibihagije; ahubwo nzaguha kuba umucyo wo kuvira amahanga, kugira ngo agakiza kanjye kagere ku mpera y'isi." Yesaya 49:6. Muri rusange ubu buhanuzi bwari buzwi ko bwerekeza kuri Mesiya kandi igihe Yesu yavugaga ati, "Ni jye mucyo w'isi," abantu bashoboye gusobanukirwa n'ibyo yari avuze ko ari we Mesiya wasezeranywe." — *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.465.

## 4. IMANA IRI KUMWE NATWE

Kuwa Kane
01 Mutarama

**a. Ni iki Yesaya yahanuye ku byerekeye izina rya Kristo? Yesaya 7:14. Mbese ubwo buhanuzi bwasohoye ryari? Matayo 1:22,23.**

---

---

"Kuva Yesu yaraje kubana natwe, tuzi neza ko Imana izi ibitugerageza, kandi ikababarana natwe mu mibabaro yacu. Buri muhungu na buri mukobwa wa Adamu ashobora gusobanukirwa ko Umuremyi wacu ari inshuti y'abanyabyaha. Kuko mu nyigisho yose y'ubuntu, buri sezerano riduhesha umunezero, buri gikorwa cy'urukundo, buri mbaraga mvajuru itureshya igaragarira mu mibereho y'Umukiza ari kuri iyi si, tubibonamo 'Imana iri kumwe natwe.' " – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.24.

**b. Mbese Yesu yakoze iki kugirango atugereho mu mimerere yacu y'ubunyacyaha? Yohana 1:14; Abafilipi 2:5 – 8; Abaheburayo 2:14 – 18.**

---

"Kugirango tumenye imico Ye y'ubumana ndetse n'imibereho Ye, Kristo yafashe kamere yacu maze abana natwe. Ubumana bwahishuriwe mu bumuntu, ubwiza butaboneshwa amaso bwagaragariye mu ishusho y'umuntu. Abantu bashoboraga kumenya ibitamenyekana binyuze mu bizwi; ibyo mu ijuru byahishuwe binyuze ku byo mu isi, Imana yagaragajwe mu ishusho y'abantu." – *Imigani ya Kristo*, p.17.

"Umwana w'Imana yarwanyijwe n'imbaraga z'umwijima kuri buri ntambwe. Nyuma y'umubatizo We yajyanywe n'Umwuka mu butayu; nuko ahahurira n'ibishuko mu minsi mirongo ine..... Iyo ataza kuba usangiye kamere natwe, ntiyari kuba yarageragejwe nk'uko umuntu ageragezwa. Iyo biza kuba ibidashoboka ko yatsindwa n'ibishuko, ntiyari gushobora kutubera Umufasha. Byari ukuri gukomeye ko Kristo yaje kurwana intambara nk'umuntu, mu mwanya w'umuntu. Gushukwa kwe no gutsinda kwe bitwigisha ko abantu bakwiriye kwigira kuri Cyitegererezo, umuntu akwiriye kuba usangiye kamere n'Imana." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 5, p.1082.

"Kugirango ubwiza Bwe bukomeze gutwikirwa nk'umwana w'inyokomuntu yacumuye, icyo cyari igihano gikomeye cyane kuruta ibindi byose Umutware w'ubugingo yashoboye kwishyiraho. Bityo imbaraga Ze zahanganye na Satani. Uwirukanywe mu ijuru yarwanye intambara ikomeye kugirango ategeke Uwo yari yaragiriye ishyari mu bikari byo mu ijuru. Mbega ukuntu uru rugamba rwari rumeze! Nta mvugo yabisobanura neza mu buryo buhagije nk'uko biri. Ariko mu gihe kiri imbere vuba aha, bizasobanuka ku banesheje kubw'amaraso y'Umwana w'Intama kandi bakaneshesha ijambo ryo guhamya kwabo." – *Ibid.*, p.1081,1082.

## 5. INTEGO Y'UKWIGIRA UMUNTU [KWA KRISTO]

Kuwa Gatanu
02 Mutarama

a. **Ni iki Yesu yaje gukorera abantu? Yohana 3:16,17; 1:12; Luka 19:10.**

"Kristo yakorewe ibyari bidukwiriye, kugira ngo natwe dukorerwe ibyari bimukwiriye. Yazize ibyaha byacu, atigeze agiramo uruhare, kugira ngo dutsindishirizwe no gukiranuka Kwe tutabigizemo uruhare. Yapfuye urupfu rwari urwacu, kugira ngo duhabwe ubugingo bwari ubwe. 'Imibyimba ye ni yo adukirisha.' " – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.25.

b. **Ni gute tuzahurwa n'igitambo cya Kristo? Abagalatiya 4:5 – 7; Abaheburayo 2:10.**

"Kristo yatanze igitambo gishyitse kandi cyuzuye, igitambo gihagije kugirango gikize umuhungu n'umukobwa wese wa Adamu ushobora kwerekana ko yihannye ku Mana ku bw'uko yishe amategeko Yayo, kandi akerekana ko yizeye Umwami Yesu Kristo.... Kristo ni umugaba w'agakiza kacu, kandi kubw'imibabaro Ye n'igitambo Cye, yahaye abayoboke Be bose urugero ko kuba maso no gusengana umwete udacogora byaba ari ingenzi mu ruhande rwabo niba bashaka kwerekana mu buryo bukwiriye urukundo rwari ruri mu mutima we yakundaga abantu bacumuye." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 2, p.664.

"Imana ikunda abana Bayo bumvira. Ifite ubwami yateguye, ntiyabuteguriye ibyigomeke; ahubwo yabuteguriye abana Bayo abo yasuzumye kandi ikabageragereza mu isi yononekaye ndetse ikangizwa n'icyaha. Kubera ko turi abana bumvira, dufite amahirwe yo kugirana imishyikirano n'Imana. Yaravuze iti: 'Ubwo ari abana, ni n'abaragwa b'umurage udashobora kubora'.... Kristo n'ubwoko Bwe ni umwe." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 6, p.1077.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
03 Mutarama

1. Ni iyihe kamere Yesu yari afite kuva kera kose?
2. Ni nde wahanitse ijuru kandi agashinga imfatiro z'isi?
3. Umucyo nyakuri wose [urasa] uturutse kuri nde?
4. Mbese muri Yesaya 7:14, Yesu yitwa nde?
5. Ni iki Yesu yabaye cyo igihe yafataga kamere yacu ya kimuntu?

Ku Isabato, 11 Mutarama 2025

**Icyigisho 2**

# Umwana w'Intama w'Imana

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Yararenganye ariko yicisha bugufi, ntiyabumbura akanwa ke amera nk'umwana w'intama bajyana kubaga, cyangwa nk'uko intama icecekera imbere y'abayikemura, ni ko atabumbuye akanwa ke." (Yesaya 53:7).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.132 – 143.

"Reka umunyabyaha wihannye ajye ahanga amaso 'Umwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi.' " – *Ukwizera Kumbeshejeho*, p.107.

## 1. UBUHAMYA BWA YOHANA UMUBATIZA

Kuwa Mbere
05 Mutarama

a. Mbese Yohana Umubatiza yavuze iki ku byerekeye Yesu? Yohana 1:15 – 18.

---

b. Ni gute Yohana yimenyekanishije ku bayobozi b'idini? Yohana 1:19 – 23. Ni ubuhe buhanuzi yasohoje, kandi ni gute bizatugiraho ingaruka? Yesaya 40:3 – 5.

---

"Muri buri cyiciro cy'amateka y'iyi si, Imana yagiye ikoresha abagaragu Bayo kugirango umurimo Wayo ukomeze kujya mbere; ukaba ukwiriye gukorwa mu buryo Yo ubwayo yagennye. Yohana Umubatiza yari afite umurimo wihariye, akaba ariwo yavukiye kandi yatoranyirijwe gukora – umurimo wo gutegurira Umwami inzira....

"[Umurimo we wo mu butayu] wari isohozwa rikomeye cyane ry'ubuhanuzi." — *The Southern Watchman*, March 21, 1905.

"Uwiteka yahaye [Yohana Umubatiza] ubutumwa bwe. Mbese hari ubwo yasanze abatambyi n'abategetsi ngo ababaze niba ashobora kwamamaza ubu butumwa? — Oya. Imana yamutandukanyije na bo kugira ngo atanduzwa n'umwuka wari ubarimo n'inyigisho zabo. Yari ijwi ry'urangururira mu butayu [Yesaya 40:3-5]. Ubu ni bwo butumwa bugomba guhabwa abantu bacu; turi ku iherezo ry'ibihe kandi ubutumwa ni ubu: muharure inzira y'Umwami; muteranye amabuye kandi mwereke abantu urugero rukwiye. Abantu bagomba gukangurwa. Ntabwo ari cyo gihe cyo kubwira abantu ko hariho amahoro n'umutekano." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 1, p.410.

## 2. UMURIMO W'IGITAMBO

Kuwa Kabiri
06 Mutarama

a. **Igihe Yesu yasangaga Yohana kugirango abatizwe, ni gute Yohana yamumenyekanishije kandi agahamya ku mugaragaro iby'umurimo We? Yohana 1:29,34. Mbese ibi byasohoje ubuhe buhanuzi? Yesaya 53:4 – 7.**

---

"Kristo yari umucunguzi w'abantu mu ntangiriro z'isi nk'uko ari n'uyu munsi. Mbere yuko yambika ubumana Bwe ubumuntu maze akaza mu isi yacu, ubutumwa bwiza bwatanzwe na Adamu, Seti, Henoki, Metusela na Nowa. Aburahamu mu gihugu cy'i Kanani, na Loti i Sodomu, bajyanye ubwo butumwa, kandi uko ibihe bihaye ibindi intumwa z'indahemuka zamamaje iby'Uwari kuzaza. Imihango ya Kiyuda yashyizweho na Kristo ubwe. Ni we wari urufatiro rwa gahunda yabo yo gutamba ibitambo; akaba ari We umurimo wabo wose w'iby'idini wacureraga. Amaraso yamenekaga igihe ibitambo byatambwaga, yashushanyaga ay'igitambo cy'Umwana w'Intama w'Imana. Ibitambo byose byatambwaga mu buryo bw'igishushanyo, ni we byacureraga." – *Imigani ya Kristo*, p.126.

b. **Ni gute Yohana yamenyekanishije Yesu ku bigishwa be? Yohana 1:35,36. Ni izihe ngaruka amagambo ye yagize kuri bo, kandi se ni iki cyakurikiyeho mu mibereho ye bwite? Yohana 1:37.**

---

"Umunsi wakurikiyeho [nyuma y'umubatizo wa Kristo], ubwo abigishwa babiri bari bahagaze hafi, Yohana yarongeye abona Yesu hagati mu bantu. Na none mu maso h'umuhanuzi harabagiranye ubwiza buvuye ku Utaboneshwa ijisho, arangurura ijwi ati, "Nguyu Umwana w'intama w'Imana!" Ayo magambo yanejeje imitima y'abigishwa. Ntibabashije kuyasobanukirwa neza. Mbese izina Yohana yari amwise ryasobanuraga iki, - "Ntama w'Imana"? Yohana ubwe ntiyigeze arisobanura. Basiga Yohana, bajya gushaka Yesu." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.138.

"Yohana yamenyesheje abigishwa be ko Yesu ari Mesiya wasezeranwe, Umukiza w'isi. Ubwo umurimo we warimo urangira, Yohana yigishije abamukurikiraga kureba Yesu kandi bakamukurikira kuko ari we Mwigisha Mukuru. Imibereho ya Yohana yari yuzuye imibabaro no kwiyanga. Yategurije ukuza kwa mbere kwa Kristo, ariko ntiyemerewe kubona ibitangaza bya Kristo no kwishimira ubushobozi yagaragaje. Yohana ubwe yari azi ko agomba gupfa igihe Yesu yajyaga gutangira umurimo we nk'umwigisha. Ijwi rye ntiryari ricyumvikana cyane, usibye mu butayu gusa. Imibereho ye yari iyo kuba ahitaruye wenyine. Ntiyakomeje komatana n'umuryango wa Se ngo anezezwe no kubana na bene wabo, ahubwo yarabasize kugira ngo asohoze umurimo we." – *Inyandiko z'Ibanze,* p.154.

## 3. ABIGISHWA BA MBERE BA YESU

Kuwa Gatatu
07 Mutarama

**a. Mbese bamwe mu bigishwa ba mbere ba Yesu ni bande? Matayo 4:18,21. Ni ubuhe bwuzu babanje kugaragariza Kristo, kandi ubwo bahuraga na We bwa mbere bamaranye igihe kingana iki? Yohana 1:38,39.**

---

"Umwe muri abo babiri [bari bakurikiye Yesu] yari Andereya, umuvandimwe wa Simoni; undi yari Yohana umuvugabutumwa. Aba nibo bari abigishwa ba Kristo ba mbere. Bakuruwe n'imbaraga itabasha gusubizwa inyuma, bakurikira Yesu bafite amatsiko yo kuvugana na we, nyamara bumiwe kandi bacecetse, batangajwe n'ubusobanuro bukomeye bw'aya magambo ngo, "Uyu niwe Mesiya?"

"Yesu yamenye ko abigishwa bariho bamukurikira. Nibo bari umuganura w'umurimo We, maze haba ibyishimo mu mutima w'Umwigisha wavuye mu ijuru kubw'imitima y'aba bari bumviye ubuntu bwe. Ariko arahindukira, arababaza ati, "Murashaka iki?" Yari kubareka bakisubirirayo cyangwa bakavuga icyo bifuza.

"Hari umugambi umwe gusa bari bafitiye amatsiko. Hari kimwe cyari cyuzuye ibitekerezo byabo. Baravuga bati, "Mwigisha, ... ucumbitse he?" Muri icyo kiganiro kigufi bari mu nzira ntibababashaga kubona icyo bashakaga. Bashakaga kwihererana na Yesu, ngo bicare ku birenge bye, maze bumve amagambo ye....

"Iyo Yohana na Andereya baza kugira umutima wo kutizera nk'uw'abatambyi n'abategetsi, ntibari kuboneka aho nk'abigishwa bigira ku birenge bya Yesu. Bari kuza aho ari nk'abamugisha impaka, ngo bagenze amagambo ye. Benshi ni ko bakingiranye amahirwe y'agaciro kenshi. Ariko aba bigishwa ba mbere siko babigenje. Bitabye guhamagarwa k'Umwuka Wera wakoreraga mu bibwirizwa bya Yohana Umubatiza. Noneho basobanukirwa n'ijwi ry'Umwigisha wavuye mw'ijuru. Kuri bo, amagambo ya Yesu yari yuzuye ihembura, ukuri n'ubwiza. Umucyo mvajuru umurika ku nyigisho zo mu Byanditswe by'Isezerano rya Kera. Insanganyamatsiko nyinshi z'inyigisho zivuga ukuri noneho zongerwamo umucyo mushya." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.138,139.

**b. Ni iki abigishwa ba mbere bakoze nyuma gato yo guhura na Yesu? Yohana 1:41,42.**

---

"Andereya yashatse uko yageza ku bandi uwo munezero wari wuzuye umutima we. Ajya gushaka mwene se Simoni, aramubwira ati, "Twabonye Mesiya." Simoni ntiyazuyaza aramukurikira. Na we yari yarigeze kumva kubwiriza kwa Yohana Umubatiza, maze yihutira gusanga Umukiza." – *Ibid*, p.139.

## 4. GUKURAHO URWIKEKWE

Kuwa Kane
08 Mutarama

**a. Sobanura uko byagenze igihe Yesu yararikaga undi mwigishwa kumukurikira. Yohana 1:43 – 45.**

---

---

"Filipo yumviye [icyo yari abwiwe] aramukurikira, na we ako kanya ahinduka umukozi ukorana na Kristo. Filipo yahamagaye Natanayeli." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.139.

**b. Ni iki dushobora kwigira ku buryo Kristo yashoboye gutsinda ugushidikanya kwa Natanayeli? Yohana 1:46 – 49.**

---

"Ubwo Natanayeli yabonaga Yesu yumvise acitse intege. Yatangiye kumwibazaho ati, "uyu mugabo wuzuye umuruho n'ubukene, yabasha ate kuba Mesiya?" Nyamara Natanayeli ntiyashoboraga kwitesha gukurikira Yesu, kuko ubutumwa bwa Yohana bwari bwaremeje umutima we.

"Igihe Filipo yamuhamagaraga, Natanayeli yari yiherereye ari ahantu hatuje mu gashyamba, atekereza ku butumwa bwa Yohana n'ubuhanuzi buvuga ibya Mesiya. Yarasenze ngo niba uwavuzwe na Yohana ari we Mucunguzi, abashe kubisobanukirwa, maze Umwuka Wera aramumanukira amwizeza ko Imana yari yagendereye abantu Bayo, kandi ko yabahagurukirije ihembe ry'agakiza....

"Yesu aramusubiza ati, 'Filipo ataraguhamagara, ubwo wari munsi y'igiti cy'umutini, nakubonye.'

"Ibyo byari bihagije. Umwuka w'Imana wari wahamirije Natanayeli aho yari ari mu bwiherero asenga munsi y'igiti cy'umutini noneho avugana na we binyuze mu magambo ya Yesu. Nubwo yari agifite gushidikanya, kandi yifitemo no gusuzugura, Natanayeli yari aje kwa Yesu n'umutima utaryarya wifuza kumenya ukuri, kandi icyo yifuzaga yari akigezeho. Kwizera kwe kwarenze uk'uwamuzanye kuri Yesu. Aramusubiza ati, "Mwigisha, uri Umwana w'Imana koko. Ni wowe Mwami w'Abisiyayeli."

"Iyo Natanayeli aza kwemera kuyoborwa n'abigisha b'Abayuda, ntiyari kuzigera abona Yesu. Yahindutse umwigishwa wa Yesu bitewe no kwirebera no kugira ubushishozi. Ni nako bimeze kuri benshi muri iki gihe barangwa no gushidikanya kubabuza kubona ibyiza. Mbega uburyo habaho itandukaniro baramutse "baje bakareba!"

"Mu gihe biringira kuyoborwa n'ubwenge bw'abantu, nta n'umwe uzabasha kugera ku bwenge bw'ukuri buhesha agakiza. Nka Natanayeli, dukwiriye kwiga ubwacu ijambo ry'Imana, maze tugasaba kumurikirwa n'Umwuka Wera. Uwabonye Natanayeli munsi y'igiti cy'umutini azatubona aho twiherereye mu masengesho. Abamarayika bo mw'isi y'umucyo baba hafi y'abicisha bugufi bashaka kuyoborwa n'Imana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.139,140.

## 5. IJURU RIKINGUYE

Kuwa Gatanu
09 Mutarama

a. **Ni iki Yesu yasezeraniye Natanayeli, kandi ni ukubera iki? Yohana 1:50,51.**

---

---

"[Yohana 1:50,51]. Aha Yesu yashakaga kubabwira ati, "Ku nkombe za Yorodani ijuru ryarakingutse, Umwuka amanuka asa n'inuma anzaho. Iki cyari ikimenyetso cyuko ndi Umwana w'Imana. Nimunyemera mutyo, kwizera kwanyu kuziyongera. Muzabona ijuru ribakingukiye. Abamarayika b'Imana bazamuka, batwaye amasengesho y'abatakamba n'abaremerewe bayajyana kuri Data mu ijuru, kandi bamanuka, bazana imigisha n'ibyiringiro, guhumuriza, gufasha, n'ubugingo, ku bana b'abantu." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.142,143.

b. **Bigenda bite igihe twemeye Kristo? Yohana 4:14; Ibyahishuwe 22:17.**

---

---

"Iyo umuntu yakiriye ukuri agukunze, amenyekanisha ibyo yamenye mu buryo bwe no mu mvugo iranga ijwi rye. Amenyekanisha ibyo we ubwe yiyumviye, yiboneye, n'ibyo yakozeho by'ijambo ry'ubugingo, kugira ngo abandi babashe gusabana na we binyuze mu kumenya Kristo. Ubuhamya bwe, bunyuze mu kanwa gakojejweho ikara ryaka rivuye ku gicaniro, ni ukuri k'umutima wemera kwakira, kandi bukora umurimo wo kweza no guhindura imico.....

"Imana yabashaga kugera ku ntego yayo yo gukiza abanyabyaha hatagombye ubufasha bwacu; ariko kugira ngo dukuze imico ya Kristo muri twe, tugomba kugira uruhare mu murimo We. Kugira ngo dusangire umunezero na we; umunezero wo kuzabona abazakizwa kubw'igitambo Cye, tugomba gufatanya mu murimo We wo gucungurwa kwabo." – *Ibid.*, p.142.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
10 Mutarama

1. Kubera iki Yohana Umubatiza yahamagariwe kujya mu butayu?
2. Ni gute tugomba gushyira mu bikorwa imibereho yaranze Yohana Umubatiza, ikaba iyacu bwite?
3. Ni iki dushobora kwigira kuri Yohana na Andereya igihe bahuraga na Yesu?
4. Ni gute dushobora guterwa umwete n'amagambo Natanayeli yabanje kuvuga?
5. Ni iki kigaragaza yuko ukwizera mfitiye Kristo ari nyakuri cyangwa atari nyakuri?

Ku Isabato, 18 Mutarama 2025

**Icyigisho 3**

# Ubukwe bw'i Kana

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Icyo ababwira cyose mugikore." (Yohana 2:5, ahaheruka).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.144 – 153; *Ubutumwa ku Basore*, p.403 – 418.

"Yesu yatangiye umurimo w'ubugorozi agerageza kugaragaza impuhwe no kwiyegereza abantu." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.150.

## 1. ITANGIRIRO RY'UMURIMO WA KRISTO

Kuwa Mbere
12 Mutarama

a. Mbese ni hehe Kristo yatangiriye umurimo We ku isi? Yohana 2:1,2.

"Yesu ntiyatangiye umurimo we akorera ibitangaza imbere y'abagize Urukiko Rukuru rw'Abayuda i Yerusalemu. Mu iteraniro ryari mu rugo rwo mu mudugudu muto w'i Galilaya imbaraga ye niho yagaragariye, yongera ibyishimo mu birori by'ubukwe. Bityo yagaragaje ko afitiye abantu impuhwe, kandi ko icyifuzo cye ari uko bagira umunezero. Mu butayu bw'ibigeragezo, we ubwe yanywereye ku gikombe cy'umubabaro. Yaje kugira ngo ahe abantu igikombe cy'umugisha, kandi mu isengesho rye [ribasabira umugisha] yejeje imibanire y'ubuzima bw'abantu." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.144.

b. Byagenze bite mbere yuko ibirori by'ubukwe birangira? Yohana 2:3.

"[Mariya] yumvaga yasaba [Yesu] guhamiriza iteraniro ko ari we koko Uwahawe icyubahiro n'Imana. Yiringiraga ko habasha kuboneka akanya ko kuba yakora igitangaza imbere yabo.

"Byari umuco w'icyo gihe yuko ibirori by'ubukwe bimara iminsi myinshi. Muri ibi birori, mbere yuko ubukwe burangira, basanze vino yabashiranye. Ibi byatumye bahagarika umutima ndetse bagira umubabaro. Byari ibidasanzwe gutanga vino igashira mu birori, kandi gushira kwayo byababaga byerekana ikinyabupfura gike." – *Ibid.*, p.145,146.

## 2. KRISTO NA NYINA

Kuwa Kabiri
13 Mutarama

a. Ni iki nyina wa Kristo yavuze, kandi ni ikihe gisubizo [Yesu] yatanze? Yohana 2:3,4.

"[Yohana 2:4] Kuri twe iki gisubizo gisa nk'ikirimo uguhubuka guhutiyeho, [nyamara] nta gushishana cyangwa ikinyabupfura gike no kubahuka bikirimo. Uko Umukiza yashubije nyina byari bijyanye n'umuco wo mu Burasirazuba. Byakoreshwaga ku bantu wifuza kwereka ko ububashye. Buri gikorwa cyose cya Kristo mu mibereho ye hano kuri iyi si cyahamanyaga n'amategeko we ubwe yari yaratanze, "Wubahe so na nyoko." Kuva 20:12. Ari ku musaraba, mu bihe bye bya nyuma byo kwita kuri nyina, Yesu yongeye kumubwira amagambo ameze nk'ayo, ubwo yamuragizaga umwigishwa we yakundaga cyane. Hombi mu birori by'ubukwe no ku musaraba, urukundo rwumvikaniraga mw'ijwi rye, mu ndoro ye, no mu buryo yitwaraga, byagaragazwaga n'amagambo ye." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.146.

b. Ni iki nyina wa Kristo yabwiye abagaragu, kandi ni gute ayo magambo atureba natwe muri iki gihe? Yohana 2:5.

"Abayoboke [ba Kristo] bagomba kugenda barushaho kuba abantu bafite imbaraga mu kwamamaza ukuri uko bagenda begera ubutungane n'urukundo bafitiye abavandimwe babo. Imana yatanze ubufasha mvajuru bwo guhangana n'ibibazo byose bitunguranye tudashobora kurwanya dukoresheje imbaraga zacu za kimuntu. Imana iduha Umwuka Wera kugirango adufashe muri buri mpatanwa, kugirango akomeze ibyiringiro byacu n'ubwishingizi dufite, kugirango amurikire ubwenge bwacu kandi yeze imitima yacu. Ishaka kuvuga ko hazabaho uburyo buhagije bwo gushyira mu bikorwa imigambi Yayo. Ndabasaba kugisha inama Imana. Mujye mushaka Imana n'umutima wanyu wose, kandi 'Icyo abategeka cyose mugikore.' Yohana 2:5." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 6, p.414,415.

c. Mbese muri ubwo bukwe, ni iki Yesu yabwiye umugaragu gukora? Yohana 2:6 – 8.

"Hafi y'umuryango hari ibibindi bitandatu byabajwe mu mabuye, maze Yesu asaba abahereza ko babyuzuza amazi. Birakorwa. Ubwo hari hakenewe vino ya kugabura, arababwira ati, "Nimudahe noneho mushyire umusangwa mukuru." Aho kuba byuzuye amazi yari yashyizwemo, badahamo vino." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.148.

## 3. VINO YA KRISTO

Kuwa Gatatu
14 Mutarama

**a. Igihe vino yahabwaga abantu, mbese ni gute umusangwa mukuru yasubije? Yohana 2:9,10.**

“Ari umusangwa mukuru cyangwa abashyitsi nta wari uzi ko vino yashize. Basomye kuri ya yindi abahereza bazanye, umusangwa mukuru yumva itandukanye kure n’iyo yigeze anywaho mbere, cyangwa iyahoze igaburwa kuva ibyo birori bitangira.” – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.148.

**b. Ni ubuhe bwoko bwa vino Kristo yatanze? Yesaya 65:8.**

“Vino Kristo yatanze mu bukwe, hamwe n’iyo yahaye abigishwa be nk’ikimenyetso cy’amaraso ye, wari umutobe ukiva mu mbuto z’imizabibu. Uyu ni wo Yesaya yerekejeho avuga ibya vino nshya, “mu iseri ry’inzabibu”, maze akavuga ati, “Ntuwurimbure kuko ugifte umumaro.” Yesaya 65:8….

“Vino idasembuye yatanze mu birori by’ubukwe yari icyo kunywa cyiza gisubizamo imbaraga. Akamaro kacyo kwari ukuzana uburyohe buhuje no kwifuza k’umubiri muzima.” – *Ibid.*, p.149.

**c. Mbese ni iki Ibyanditswe bivuga ku byerekeranye na vino isembuye? Imigani 20:1; 23:29 – 35.**

“Ni Kristo wavugiye mu Isezerano rya Kera aburira Abisirayeli agira ati, “Vino ni umukobanyi, Inzoga zirakubaganisha: Kandi ushukwa na byo ntagira ubwenge.” Imigani 20:1. Kandi we ubwe ntiyigeze atanga ibinyobwa nk’ibyo. Satani agerageza abantu ngo bifuze ibibasha guteza igihu ibitekerezo byabo bikagusha ikinya intekerezo zabo mu by’umwuka, ariko Kristo atwigisha ko tugomba gutegeka irari ryacu. Imibereho ye yose yari icyitegererezo cyo kwizinukwa. Kugira ngo aneshe irari ry’inda, yababajwe cyane ku bwacu ahura n’ikigeragezo gikomeye umuntu atabasha kwihanganira. Ni Kristo ubwe wari warategetse ko Yohana Umubatiza atagombaga kunywa vino cyangwa igisindisha. Ni na we wari warategetse muka Manowa kwirinda ibisindisha. Ndetse yavumye umuntu wese uzashyira icupa ry’igisindisha ku munwa w’umuturanyi we. Kristo ntiyigeze avuguruza inyigisho Ze.” – Ibid.

**a. Ni izihe ntego zagezweho binyuze ku kuhaba kwa Kristo no ku gitangaza yakoze mu birori by'ubukwe, ndetse no kuri twe muri iki gihe? Yohana 2:11.**

---

---

"Kristo yari azi ibintu byose, yarebye mu bihe byose kugeza mu gihe cyacu, maze abona uko imibereho y'abantu izaba imeze ku iherezo ry'amateka y'isi. Yabonye abantu babarirwa mu bihumbi n'ibihumbagiza bapfa bazize kunywa vino n'izindi nzoga zikaze. Isi yari kugenda igaruka buhoro buhoro ku mimerere yari iriho mu minsi yabanjirije umwuzure. Ariko kandi ijuru ryatanze ikimenyetso cy'akaga, kugirango abantu bahabwe umuburo; maze bafatanye n'Imana bityo barokoke. Yaduhaye ingero z'abantu birinda mu buryo bwuzuye, kandi aduha amabwiriza, aramutse akurikijwe, azatuma abana bacu bagira imbaraga, ubuhanga n'imico myiza, kandi akabarinda." – *Ibimenyetso by'Ibihe,* kuwa 16 Mata 1896.

**b. Sobanura ubwoko bw'inyifato ihembura (ikagarura imbaraga mu muntu) Kristo yatubereyeho icyitegererezo mu murimo We wose. Matayo 11:29.**

---

---

"Yesu yatangiye umurimo w'ubugorozi agerageza kugaragaza impuhwe no kwiyegereza abantu. N'ubwo yagaragazaga kubaha amategeko y'Imana, yacyahaga kwiyoberanya kw'Abafarisayo kandi agerageza kubohora abantu mu bidafite umumaro byababase. Yashakaga gusenya insika zatandukanyaga inzego z'abantu batandukanye, kugira ngo abashe guhuza abantu bose nk'abana bagize umuryango umwe. Gutaha ubukwe byari bigamije ko byaba imwe mu ntambwe yatuma abigeraho." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.150.

"Yesu yacyahaga ingeso yo kwikunda mu buryo ubwo aribwo bwose, kandi we muri kamere ye yari umuntu ushyikirana. Yemeraga gucumbika [no kugenderera ingo] z'abantu bo mu nzego zose, yasuraga ingo z'abakire n'iz'abakene, abize n'abatarize, ashaka kuzamura ibitekerezo byabo ngo bive mu by'ubu buzima busanzwe, maze byerekeze mu by'umwuka kandi by'iteka ryose. Ntiyigeze yemerera imyitwarire Ye gushayisha, kandi ntiyayikundiye kwijimishwa n'iby'isi by'imburamumaro ngo biyihumanye; nyamara yanezezwaga n'ibyiza binezeza abandi, kandi kuhaba kwe byagaragazaga ko yemera ibiterane byo gusabana. Ubukwe bw'Abayuda byari ibirori binejeje, kandi umunezero wabwo ntabwo wari uteye isoni Umwana w'umuntu. Mu kuza gutaha ubu bukwe, Yesu yagaragaje ko ubukwe ari umuhango wera mvajuru." – *Ibid.,* p.151,152.

## 5. GUSHYIKIRANA N'ABANDI MU BURYO BWIZA

Kuwa Gatanu
16 Mutarama

a. Ni irihe somo twakwigira ku rugero rwa Kristo rwamutandukanyaga n'abayobozi b'idini bo mu gihe cye? Imigani 18:24.

---

"Umurimo wa Kristo wari utandukanye by'ihabya n'uw'abakuru bo mu Bayuda. Uko bafataga imigenzo n'imihango n'uko yakorwaga byari byarakuyeho umudendezo nyakuri w'ibitekerezo cyangwa imikorere. Bahoranaga ubwoba bwo kwandura. Kubera kwirinda guhura "n'uwanduye", bahoraga bitaruye abandi, atari abanyamahanga gusa, ahubwo na benshi bo muri bene wabo, batifuzaga kugira icyo bamarira cyangwa ngo babagireho ubucuti. Kubwo guhora muri ibyo, bari baradindije ibitekerezo byabo ndetse barashyize uruzitiro ku mibereho yabo. Icyitegererezo cyabo cyateraga abantu bo mu nzego zose kwikunda no gusuzugura abandi." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.150.

b. Ni iyihe ntego tugomba kugira mu mishyikirano yose tugirana n'abandi? Imigani 11:30.

---

"Dushobora kugaragaza kwita ku bandi mu tuntu duto inshuro zitabarika tubabwira amagambo meza ya gicuti, n'indoro nziza bizongera bikatugarukira natwe. Abakristo badashyira mu gaciro, bakajya birengagiza abandi bantu, berekana ko batunze ubumwe na Kristo. Ntibishoboka ko umuntu yaba yunze ubumwe na Kristo ngo ye kugirira abandi neza, ndetse ngo yibagirwe uburenganzira bwabo.

"Twese tugomba kuba abahamya ba Yesu. Imbaraga yo gusabana, yejejwe n'ubuntu bwa Kristo igomba gukoresherezwa kugarura imitima ku Mukiza. Nimutyo ab'isi babone ko tudahugira mu byo twishakira, ahubwo ko dushaka yuko abandi na bo babona ku migisha n'amahirwe twabonye. Reka babone ko idini yacu itatugira abadafite impuhwe cyangwa abahutiraho. Reka abavuga ko babonye Kristo bose bakore nkuko yakoraga maze bafashe abandi. Ntitugomba gutuma ab'isi bagira igitekerezo ko Abakristo ari abantu bashavuye, abantu batagira umunezero." – *Urugo rwa Kidiventisiti,* p.428.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
17 Mutarama

1. Sobanura imbuto zo mu buryo bw'umwuka zabonetse kubw'igitangaza cya Kristo i Kana.
2. Sobanura isano iri hagati ya Kristo na nyina.
3. Ni ukubera iki umusangwa mukuru yerekanye ugutungurwa?
4. Ni ubuhe bwoko bwa vino igereranya amaraso ya Kristo?
5. Mu gihe turi mu biterane byo gusabana, ni iki tugomba kwibukira ku rugero rwa Yesu?

Ku Isabato, 25 Mutarama 2025

**Icyigisho 4**

# Yesu mu Rusengero

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Ariko Uwiteka ari mu rusengero rwe rwera, isi yose iturize imbere ye." (Habakuki 2:20).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.491 – 500.

"Ubukebe (ikibanza) bw'urusengero bukwiriye kubahwa nk'ahantu hejejwe." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.494.

## 1. URUSENGERO RWANDUYE

Kuwa Mbere
19 Mutarama

**a. Sobanura imimerere yari yiganje mu rusengero rw'i Yerusalemu mu ntangiriro z'umurimo wa Kristo ku mugaragaro. Yohana 2:13,14.**

---

---

"Buri Muyuda yasabwaga gutanga buri mwaka igice cya kabiri cya shekeli ngo kibe "incungu y'ubugingo bwe"..... Uretse ibyo, umubare munini wazanwaga nk'ituro ry'ubushake, ngo rishyirwe mu bubiko bw'urusengero. Kandi byasabwaga ko amafaranga yose [avuye mu bindi bihugu] avunjishwamo ayo bitaga shekeli y'urusengero, ariyo yari yemewe mu mirimo y'ubuturo bwera. Uko kuvunjisha kwatumaga habaho uburiganya n'ubwambuzi, kandi byagendaga byiyongera mu buryo bukojeje isoni, aribwo bwahindutse uburyo bw'inyungu z'abatambyi.

"Abagurishaga bakaga ibiciro by'ikirenga ku matungo yahagurishirizwaga, maze bakagabana inyungu zabo n'abatambyi n'abatware, maze bakikungahaza ari ko bakandamiza rubanda." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.155.

**b. Ni gute ibyo byagize ingaruka ku mirimo yakorerwaga mu rusengero? Ezekiyeli 22:26 (ahaheruka).**

---

"Ibitambo byinshi cyane byaratambwagwa mu gihe cya Pasika, n'ubucuruzi mu rusengero bukaba bwinshi cyane. Uwo muvurungano warangwaga n'urusaku rw'isoko ry'inka aho kugaragara ko aho hantu ari urusengero rwera rw'Imana. Humvikanaga guciririkanya kutoroshye, kwabira kw'inka, gutamatama kw'intama, kuguguza kw'inuma, bivanze no kujegera kw'ibiceri no guterana amagambo y'umujinya. Habaga urusaku rukabije rwarogoyaga abaje gusenga, maze amasengesho babwira Isumbabyose akamirwa n'iyo miborogo yari mu rusengero." – Ibid.

## 2. KUBAHIRA MU NZU Y'IMANA

Kuwa Kabiri
20 Mutarama

**a. Ni gute Imana itekereza ahantu igaragariza ko ihari, kandi ubuyobozi Bwayo bwa mbere ku musozi Sinayi bwabaye ubuhe? Kuva 3:1 – 5; 19:12,13.**

---

"Ubwo Uwiteka yamanukaga ku musozi Sinayi, aho hantu hejejwe n'uko ahari.... Uko niko bigishijwe isomo rivuga ko ahantu aho ariho hose Imana yiyerekaniye ko ihari, aho hantu burya ni ahera." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.155,156.

**b. Mbese Kristo yabyakiriye ate igihe bahumanyaga urusengero? Yohana 2:15,16.**

---

"Ubwo Yesu yazaga mu rusengero, yarabyitegereje byose. Abona ubwo bucuruzi bwuzuye uburiganya. Abona agahinda k'abakene, batekerezaga ko hatabaye kumena amaraso ibyaha byabo bitabasha kubabarirwa. Abona urugo rw'urusengero rwe rwarahinduwe ahakorerwa ibizira. Umuhango wera wahakorerwaga wari warahindutse ubucuruzi bukomeye." – *Ibid*., p.157.

"Buhoro buhoro amanuka kuri za ngazi, maze yinjira mu rugo rw'Urusengero azungurije hejuru ikiboko cy'imigozi yabohekanyije. Ategeka abacikirikanyaga mu rusengero kuva ku mbuga y'urusengero. Mu mbaraga n'uburakari atari yarigeze agaragaza, ahirika ameza y'abavunjaga amafaranga. Ibiceri bigwa hasi bijegera ku mabuye y'agaciro kenshi y'umweru yitwa marimari yari ashashwe hasi mu rusengero. Nta n'umwe watinyutse kwibaza ngo ashidikanye ku bubasha bwe. Nta n'uwatinyutse kuguma aho ngo agerageze kurundanya izo nyungu zabo z'amahugu. Yesu ntiyigeze abakubitisha icyo kiboko cy'umugozi, ariko kiri mu ntoki ze, icyo kiboko cyoroheje cyasaga n'inkota iteye ubwoba irabagirana. Abayobozi b'Urusengero, abiyitaga abatambyi, abashakisha isoko n'abacuruzaga inka, n'intama zabo n'ibimasa, bava aho hantu bihuta bafite igitekerezo kimwe cyo guhunga ugucirwaho iteka imbere Ye." – *Ibid.*, p.158.

**c. Mbese igikorwa cya Kristo cyo kweza urusengero cyashushanyaga iki? Malaki 3:1 – 3.**

---

"Urugo rw'urusengero rw'i Yerusalemu rwari rwuzuye urusaku rw'ubucuruzi budatunganye, rwerekanaga ipica y'urusengero rwo mu mutima, rwangijwe no kwifuza ibinezeza n'ibitekerezo bibi. Mu kweza urusengero yirukana abacuruzi n'abaguzi bo mw'isi, Yesu yatangaje umurimo we wo kweza umutima awezaho imyanda y'icyaha, — ikomoka mu kwifuza iby'isi, inarijye, imico mibi, byangiza umuntu." – *Ibid.*, p.161.

## 3. AHANTU IMANA IRI

Kuwa Gatatu
21 Mutarama

**a. Mbese ni uwuhe mugambi w'Imana mbere hose mu gushyiraho ubuturo bwayo bwera hagati mu bwoko Bwayo? Kuva 25:8.**

---

---

"Urwo rusengero, rwubakiwe guturamo Uwiteka, rwagombaga kubera isomo rifatika Abisirayeli ndetse n'abatuye isi yose. Kuva mu myaka yahozeho, wari umugambi w'Imana ko ikiremwa cyose, uhereye ku muserafi urabagirana ukageza ku muntu, kigomba kuba urusengero rutuwemo n'Umuremyi." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.161.

**b. Ni ukubera iki abizera babarwa ko ari urusengero rw'Imana, kandi ni gute twasigasira ukwezwa k'uru rusengero tubikoranye umutima wose? 1Abakorinto 3:16,17; Yesaya 57:15.**

---

"Kubera icyaha, umuntu ntiyakomeje kuba urusengero rw'Imana. Umutima w'umuntu wuzuye umwijima kandi wahindanijwe n'icyaha, ntiwari ukigaragaza icyubahiro cy'Uwiteka. Ariko kubwo guhinduka umuntu k'Umwana w'Imana, umugambi w'ijuru wagezweho. Imana yongera gutura mu bantu, kandi binyuze mu buntu bukiza, umutima w'umuntu wongera kuba urusengero rw'Imana." – Ibid.

"Niba twizera ko iherezo rya byose riri bugufi, 'Mbese ntitwari dukwiriye kuba abantu barangwa n'ibiganiro byera n'ukubaha Imana kwera?'

"Buri muntu wese wizera ukuri bya nyabyo azagira imirimo ihuje nako. Bose bazagira umwete n'umurava, kandi ntibazacogora mu mihati yabo yo kuzana abantu kuri Kristo. Niba ukuri ariko kwabanje gushinga imizi mu mitima yabo, ubwo nibwo bazashaka uko bagutera no mu mitima y'abandi. Ukuri ko mu bigaragara inyuma nimukwinjize imbere mu rusengero rw'umutima, mukwicaze mu mutima; maze mukureke gutegeke ubugingo. Ijambo ry'Imana rigomba kwigwa kandi rikumvirwa, ubwo nibwo umutima uzabona uburuhukiro, amahoro n'umunezero; kandi ibyifuzo n'imigambi bizerekezwa mu ijuru, ariko igihe ukuri kugumishijwe kure y'imibereho [yawe], hanze y'urugo, umutima ntuzasusurutswa n'ubushyuhe bw'ubugiraneza bw'Imana.

"Abantu benshi babona ko idini rya Yesu ari iry'iminsi runaka gusa, cyangwa ko ari iry'ibihe runaka gusa, naho mu bindi bihe rikaba ryashyizwe ku ruhande kandi rikirengagizwa. Ihame rihoraho ry'ukuri si iry'amasaha make yo ku Isabato, cyangwa ibikorwa bike by'urukundo, ahubwo rigomba kwinjizwa mu mutima, rigatunganya imico kandi rikayeza." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 5, p.547.

# 4. UKWEZWA K'URUSENGERO RUZIMA

Kuwa Kane
22 Mutarama

**a. Ni iki dukwiriye gusobanukirwa cyerekeranye n'uburyo tubayeho imibereho itagira gifasha mu gushaka uko twakweza urusengero? Yeremiya 2:22; Yobu 14:4.**

---

"Nta muntu ku giti cye washobora kwirukana uruhuri rw'ibibi byamaze kwigarurira umutima we." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.161.

**b. Mbese ni irihe banga ryo gushobora guhagarara imbere y'Imana yera dufite imitima iboneye? Ezekiyeli 36:25 – 27; Zekariya 3:3 – 5.**

---

---

"Yakobo yacumuye kuri Esawu icyaha gikomeye, ariko yari yamaze kwihana. Yari yamaze kubabarirwa igicumuro cye, n'icyaha cye cyakuweho; bityo rero, yashoboraga kwihanganira ihishurwa ry'uko Imana ihari. Ariko igihe cyose abantu bazaga imbere y'Imana bakigundiriye icyaha, bararimburwaga. Mu kugaruka kwa Yesu ubwa kabiri, inkozi z'ibibi zizakongorwa "n'umwuka uva mu kanwa ke," kandi bazicwa no kuboneka k'ukuza kwe. 2Abatesalonike 2:8. Umucyo w'icyubahiro cy'Imana, uhesha abakiranutsi ubugingo, ni wo uzica inkozi z'ibibi.

"Mu gihe cya Yohana Umubatiza, Kristo yari ari bugufi kwerekanwa nk'uhishura imico y'Imana. Kugaragara kwe niko kwagombaga guhishurira abantu ibyaha byabo. Gusa binyuze mu kwemera gutandukanywa n'icyaha, bagombaga kwinjira mu musabano na we. Abakiranuka mu mitima yabo nibo gusa babasha guhagarara imbere Ye." – *Ibid*., p.108.

"Ni Kristo wenyine ubasha kweza urusengero rw'umutima. Ariko ntazinjira ku mbaraga. Ntabwo aza mu mutima nkuko yaje muri rwa rusengero rwa kera; ahubwo aravuga ati, "Dore mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire." Ibyahishuwe 3:20. Ntabwo azaza by'umunsi umwe gusa; kuko aravuga ati, "Nzatura muri bo, ngendere muri bo, Nzaba Imana yabo nabo bazaba ubwoko bwanjye." "Izaribatira ibicumuro byacu munsi y'ibirenge byayo. Kandi izarohera imuhengeri w'inyanja ibyaha byabo byose." 2Abakorinto 6:16; Mika 7:19. Kugaragara kwe kuzahanagura kandi kweze imitima, kugira ngo ibere Uwiteka insengero zera, kandi "kugira ngo mube inzu yo kubabwamo n'Imana mu Mwuka." Abefeso 2: 21, 22." – *Ibid.,* p.161,162.

"Ubwo Yesu akorera mu buturo bwera bwo mw'ijuru, aracyanakorera no mw'itorero ryo kw'isi binyuze mu mbaraga y'Umwuka We." – *Ibid.,* p.166.

## 5. UKWEZA URUSENGERO MURI IKI GIHE

Kuwa Gatanu
23 Mutarama

**a. Ni gute Imana ikomeza abayobozi b'ubwoko Bwayo bashinzwe gusigasira ukwera kw'inzu Yayo mu buryo budakebakeba? Habakuki 2:20; Ezekiyeli 44:23.**

---

"Ubukebe (ikibanza) bw'urusengero bukwiriye kubahwa nk'ahantu hejejwe. Ariko mu kwishakira inyungu, ibi byose byarirengagijwe.

"Abatambyi n'abategetsi bitwaga ko ari bo bahagarariye Imana mu bantu; bagombaga gukosora uko kudaha agaciro urugabano rw'urusengero. Bagombaga kuba barabereye abantu urugero rwo gukiranuka no kugira impuhwe." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.156.

"Ni iby'ukuri ko kubahira mu nzu y'Imana byagiye bigera hafi yo gucika [bikazimira]. Ibyera n'ahantu hejejwe ntibihabwa agaciro; ibyera n'iby'icyubahiro ntabwo byitabwaho.... Imana yahaye ubwoko Bwayo bwa kera amategeko yo gushyira ibintu kuri gahunda, akaba yari atunganye kandi asobanutse neza. Mbese imico Yayo yarahindutse? Mbese siyo Mana ikomeye kandi ifite imbaraga itegeka ijuru? Mbese ntibyatubera byiza ko duhora dusoma amabwiriza Imana ubwayo yahaye Abaheburayo, kugirango twebwe abafite umucyo w'ukuri kurabagirana ubwiza utumurikira, dushobore kwigāna ukuntu bubahiraga mu nzu y'Imana?" – *Ibihamya by'Itorero,* vol 5, p.495,496.

**b. Sobanura insinzi y'ingenzi igomba kubonerwa mu mbaraga za Kristo. Matayo 5:8; 1Yohana 3:1 – 3.**

---

"Ndasaba buri wese uvuga ko ari umwana w'Imana kutazigera yibagirwa uku kuri gukomeye, ko dukeneye Umwuka w'Imana muri twe kugirango tugere mu ijuru, n'umurimo wa Kristo utari muri twe kugirango aduhe uburenganzira bwo guhabwa umurage utabasha kubora." – *Ibihamya ku Bagabura,* p.442.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
24 Mutarama

1. Mbese ni abahe bayobozi bari bayoboye ubucuruzi bw'urukozasoni bwakorerwaga mu rusengero?
2. Ni iyihe nyifato ikwiriye kuranga buri muntu wese uza imbere y'Imana?
3. Sobanura icyo urusengero rw'i Yerusalemu rwari ruvuze mu by'umwuka.
4. Ni iki Kristo yavuze igihe yezaga urusengero?
5. Ni mu buhe buryo bwonyine rukumbi umutima wacu wa kimuntu urangwamo amakosa ushobora kwezwamo?

# Amaturo y'Isabato ya Mbere

Ku isabato 1 Gashyantare 2025

**Azagenerwa kunganira abagezweno n'ibīza ku isi**



Nta gushidikanya ko intambara, impuha z'intambara, impanuka ziteye ubwoba, amapfa, imyuzure, inkubi z'imiyaga, imitingito, inkongi z'umuriro, n'ibyorezo bigenda byiyongera hirya no hino ku isi mu buryo bwihuse cyane, ibyo byose bikaba ari isohozwa ry'ubuhanuzi bwa Bibiliya twiga. Nta gushidikanya muri ibyo byago byose, dushobora kubibonamo neza intambwe z'Imana iri kutwegera. Abantu babarirwa mu bihumbi byinshi barababazwa cyane bitewe n'ibyo bibazo bikomeye, bityo bakaba basaba ko intumwa zihagarariye Yesu Kristo zabafasha mu buryo bunyuranye, kugirango bashobore gukoresha umuti ukiza w'i Galeyadi.

Muri ibyo bibazo bibabaje, icyiciro cy'ubugiraneza mu Nteko Nkuru Rusange cyasaranganyije imigisha yaturutse mu kigega cyacu binyuze mu maturo yoherejwe namwe, abavandimwe bacu bo ku isi yose. Ibyo byoherezwa n'umuntu ku giti cye kandi mu buryo bwihariye kugirango babone ibyo bakeneye, nkuko n'ubundi binyuzwa mu maturo y'Isabato ya Mbere. Bene data bakundwa, amaturo yanyu yafashije abantu batakaje amazu yabo bitewe n'ibīza, yafashije imiryango amagana kubona ibyo kurya no kwita ku mfubyi n'abapfakazi, abafasha kubona ibyo kurya n'ubundi bufasha. Na none kandi ayo maturo yafashije ababyeyi kubona imbuto zo guhinga no kugaburira imiryango yabo, cyangwa gutangiza ubucuruzi buciriritse ku buryo abantu benshi duhuje ukwizera bashobora kubona amafaranga n'akazi [mu gihe mbere] kuri bo bitashobokaga ko babibona.

Imana ishimirwe yuko muri ibi bihe by'ibigeragezo, abantu benshi bagiye bashishikarira gutanga impano zabo ku gicaniro cy'Uwiteka. Mu izina ry'abo bose bahabwa ubufasha, turabashimiye cyane.

Nyamara ibikenewe ntibijya bishira, ahubwo bigenda byiyongera buri munsi, kuby'ibyo rero; ugutangana ubuntu kwanyu birafasha cyane.

"Umusaraba wa Kristo uhamagarira umuyoboke we wese kurangwa n'umwuka w'ubugiraneza. Ihame ryagaragarijwe muri wo; ni ihame ryo gutanga, gutanga gusa. Gushyira mu bikorwa ihame ry'ubugiraneza no gukora imirimo myiza, nibwo buryo bwo kwemera imbuto ziranga imibereho ya Gikristo." – *Inama ku Busonga*, p.14.

Uyu munsi, mu gihe uraba utanga ituro ryawe ryihariye ry'Isabato ya Mbere, nyamuneka kora uko ushoboye kose kugirango uheshe Imana icyubahiro. Baba bafite bike cyangwa byinshi, abantu bose bashobora gukora uko bashoboye kose. Binyuze mu rukundo twese dusangiye, tuzakomeza gusaranganya imigisha kubw'abavandimwe bacu bo ku isi yose. "Iyo umuntu arambuye ikiganza akagoboka imbabare, atuma zigerwaho n'imigisha y'Imana kandi na we akaba yihesheje imigisha yo mu rwego rwo hejuru." (Ibid., p.13). Imana ibahe imigisha myinshi!

*Icyiciro cy'Ubugiraneza mu Nteko Nkuru Rusange*

Ku Isabato, 1 Gashyantare 2025

**Icyigisho 5**

# Yesu na Nikodemo

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** Yesu aramusubiza ati "Ni ukuri, ni ukuri, ndakubwira yuko umuntu utabyawe ubwa kabiri, atabasha kubona ubwami bw'Imana." (Yohana 3:3).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Kugana Yesu,* p.67 – 75.

"Isōko y'umutima igomba kwezwa mbere yuko imigezi yawo itungana. Ugerageza kugera mw'ijuru ashingiye ku mirimo ye yo gukomeza amategeko aragerageza ibidashoboka." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.172.

## 1. UMUGABO W'IKIMENYWABOSE ASHAKISHA YESU

Kuwa Mbere 26 Mutarama

**a. Mbese Nikodemo yari muntu ki, kandi ni gute yari azwi mu maso ya rubanda? Yohana 3:1,10.**

"Nikodemo yari afite umwanya ukomeye wubahwa mu ishyanga ry'Abayuda. Yari umuntu wize cyane, kandi afite impano zidakunze kuboneka kuri bose, ndetse yari umwe mu banyacyubahiro bagize Inama Nkuru y'igihugu.... Nubwo yari umukire, yarize, kandi yubahwa, yari yarakuruwe mu buryo budasanzwe n'Umunyanazareti wicisha bugufi." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.167.

"Yari Umufarisayo udakebakeba, kandi ishema rye yarishingikirizaga ku mirimo ye myiza. Yubahirwaga cyane ubuntu agira no gutanga ibishyigikira imirimo yo mu rusengero, kandi yumvaga bimuhesha gushimwa n'Imana." – *Ibid.*, p.171.

**b. Ni iyihe saha Nikodemo yagiye guhuriraho na Yesu? Yohana 3:2 (ahabanza).**

"Amaze kumenya mu buryo bwihariye aho Umukiza aruhukira ku musozi wa Elayono, yategereje ko abatuye umujyi bahunikira, maze abona kumusanga." – *Ibid.*, p.168.

## 2. IKIGANIRO CYO MU IBANGA

Kuwa Kabiri
27 Mutarama

**a. Ni iki kigaragaza ubwenge buhugutse bwa Yesu mu kwakira uwari umugendereye muri ayo masaha y'ijoro? Zaburi 31:20,21.**

"[Nikodemo] yifuzaga cyane kugirana ikiganiro na Yesu, ariko agatinya guhura na we ku mugaragaro. Byari kuba bikojeje isoni umutegetsi wo mu Bayuda gushyikirana no kugirana urugwiro n'umwigisha utazwi neza. Kandi urwo ruzinduko rwe iyo ruza kumenyekana mu bagize Urukiko Rukuru rw'Abayuda, bari kumukwena no kumwamagana. Ahitamo kumusanga ngo baganire mw'ibanga, yitwaza ko iyo agenda ku mugaragaro hari abandi bari gukurikiza urugero rwe." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.168.

**b. Sobanura uburyo Nikodemo yatangije ikiganiro yagiranye na Yesu. Yohana 3:2.**

"Ar'imbere ya Kristo, Nikodemo yumvaga afite ubwoba budasanzwe, agerageza kubuhishira mu cyo yagaragazaga nko gutuza n'icyubahiro. Aravuga ati "Rabbi", "tuzi ko uri umwigisha wavuye ku Mana: kuko nta muntu ubasha gukora ibi bitangaza ukora, keretse Imana iri kumwe na we." Mu kuvuga ku mpano za Kristo zidasanzwe nk'umwigisha, ndetse n'imbaraga ye itangaje yo gukora ibitangaza, yumvaga byamuha inzira yo kubona uko aganira na we. Amagambo ye yari agamije kugaragaza no kuzana icyizere; nyamara hagaragaramo gushidikanya. Ntiyabonaga Yesu nka Mesiya, ahubwo yamubonaga gusa nk'umwigisha wavuye ku Mana." – Ibid.

**c. Ni iyihe ngingo Yesu yashimangiye igatungura Nikodemo? Yohana 3:3.**

"Aho kwita kur'ayo magambo meza y'indamukanyo, Yesu yahanze amaso uwo wavuganaga na we, nk'aho asa n'urimo gusoma mu mutima we. Mu bwenge bwe butagira iherezo, yabonaga imbere ye uwashakaga kumenya ukuri. Amenya umugambi w'uruzinduko rwe, maze mu gushaka gushimangira icyizere cyari mu bitekerezo by'umuteze amatwi, ahita arasa ku ntego, amubwira akomeje nyamara yitonze ati, "Ni ukuri, ni ukuri, ndakubwira yuko umuntu utabyawe ubwa kabiri, atabasha kubona ubwami bw'Imana." Yohana 3:3.

"Nikodemo yari yaje ku Mukiza atekereza kugirana ikiganiro na we, ariko Yesu amushyirira ku mugaragaro urufatiro rw'amahame y'ukuri." – *Ibid.,* p.168 – 171.

## 3. KUVUKA UBWA KABIRI

Kuwa Gatatu
28 Mutarama

a. Nikodemo yakiriye ate icyo Yesu yamubwiye ko akeneye, kandi kimwe nka we; ni ukubera iki twese dukeneye imibereho yavutse ubwa kabiri? Yohana 3:4 – 8.

---

---

"Imvugoshusho yo kuvuka ubwa kabiri, iyo Yesu yari akoresheje, ntabwo rwari rushya kuri Nikodemo. Abahindukaga bavuye mu bupagani bakemera imyizerere y'Abisirayeli akenshi bagereranywaga n'abana bakivuka. Kubw'iyo mpamvu, agomba kuba yarumvise ko amagambo ya Kristo atagomba gufatwa nk'uko avuzwe gusa. Ariko we kuba yaravutse ari Umwisirayeli, yumvaga nta kabuza ko bimuhesha umwanya mu bwami bw'Imana. Yumvaga nta guhinduka akeneye muri we. Nyamara yatangajwe n'amagambo y'Umukiza. Yababajwe nuko aya magambo yari afitanye isano n'imibereho ye. Kwishyira hejuru kwa gifarisayo kwarwanaga n'ubushake buzira uburyarya bw'uwashakaga kumenya ukuri. Yatangajwe nuko Kristo yashoboraga kuvugana na we nkuko yabigenje, atitaye ku mwanya we nk'umutegetsi muri Isirayeli.

"Atangajwe nuko we yiyumva ameze, asubiza Yesu mu magambo yo kugenura ati, "Byashoboka bite ko umuntu yongera kubyarwa akuze?" Nkuko bigenda kuri benshi iyo ukuri kwahuranije kugeze mu mitima yabo, yagaragaje ukuri yuko umuntu wa kamere atabasha kwakira ibikomoka ku Mwuka w'Imana. Muri we nta kintu na kimwe gituma yumvira iby'Umwuka; kuko iby'Umwuka bisobanurwa n'Umwuka.

"Ariko Umukiza ntiyemera ko impaka zikemurwa n'impaka. Azamuye ukuboko kwe mu buryo bw'indahiro, kandi mu cyubahiro, yashimangiye ukuri hamwe n'icyizere gikomeye ati, "Ni ukuri, ni ukuri, ndakubwira yuko umuntu utabyawe n'amazi n'Umwuka, atabasha kwinjira mu bwami bw'Imana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.171.

b. Ni ryari kandi ni gute umuntu ashobora kuvuka ubwa kabiri? Yohana 1:12,13.

---

---

"Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga umwana wayo w'ikinege", kugira ngo umuntu ashobore kwiyunga n'Imana. Binyuze mu byo Kristo yakoze, umuntu abasha kongera kugirana ubwumvikane n'Umuremyi we. Umutima we ugomba kugirwa mushya n'ubuntu bw'Imana; agomba kugira imibereho mishya ikomoka mu ijuru. Uku guhinduka ni ko kwitwa kubyarwa ubwa kabiri, uko Yesu avuga ati: "utabyawe ubwa kabiri ntabasha kubona ubwami bw'Imana." – *Intambara Ikomeye*, p.467.

"Binyuze mu gikorwa cyoroheje cyo kwizera Imana, Umwuka Wera yabyaje ubugingo bushya mu mutima wawe. Umeze nk'umwana uvukiye mu muryango w'Imana, kandi Imana igukunda nk'uko ikunda Umwana Wayo." – *Kugana Yesu*, p.52.

## 4. KWEZWA NO KONGERA KUGIRWA MUSHYA

Kuwa Kane
29 Mutarama

**a. Ni iki kigereranya kwezwa no kongera kugirwa mushya, ibizana no kuvuka ubwa kabiri? Mariko 16:16 (ahabanza).**

---

"Ububasha buhindura bw'Imana bushobora guhindura kamere bakomoye ku babyeyi babo ndetse n'iyo bimenyereje ubwabo kuko idini ya Yesu ari iyo gukiza umuntu ikamuzahura. "Kuvuka ubwa kabiri" bisobanuye uguhinduka no kuvuka bundi bushya muri Kristo Yesu." – *Urugo rwa Kidiventisiti*, p.206.

"Umubatizo, Kristo yawugize ikimenyetso cyo kwinjira mu bwami Bwe bw'umwuka. Uyu muhango yawugize igisabwa cy'ingenzi abantu bose bifuza kumenyekana ko bari munsi y'ubutware bwa Data wa twese, Umwana, n'Umwuka Wera; bagomba kuzuza. Mbere yuko umuntu abona umwanya mu itorero, mbere yuko yinjira mu bwami bw'Imana bw'umwuka, agomba kwakira ikimenyetso cy'izina ry'Imana kivuga ngo "Uwiteka Gukiranuka Kwacu." (Yeremiya 23:6).

"Umubatizo ni ikimenyetso cyeruye kigaragaza ko uzinutswe isi. Ababatizwa mu izina rya Data wa twese, n'Umwana n'Umwuka Wera; igihe binjira mu mibereho ya Gikristo bavuga beruye ku mugaragaro ko banze gukorera Satani kandi ko bahindutse bamwe mu bagize umuryango wa cyami, bakaba abana b'Umwami wo mu ijuru. Baba bumviye itegeko rivuga ngo: 'Nimuve hagati ya ba bandi, nimwitandukanye,... kandi ntimukore ku kintu cyose gihumanye.' Kandi bene abo basohorezwa iri sezerano ngo: 'Nzabakira, nzababera so, namwe muzaba abahungu n'abakobwa banjye. Niko Uwiteka avuga.' 2Abakorinto 6:17,18." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 6, p.91.

**b. Ni iki kivugwa ku byerekeye ububi bwa kamere yacu ya kimuntu ndetse n'umugambi w'Imana wo kuduhindura? Yohana 3:6; Yeremiya 17:9; Abefeso 5:26,27.**

---

"Twebwe ubwacu ntibyadushobokera kwikura mu rwobo rw'ibyaha twaguyemo. Imitima yacu ni mibi, kandi ntidushobora kuyihindura..... Ubwenge bwo mu ishuri, umuco [wo kwifata], kwitwara neza ukaba inyangamugayo, kuba umuntu urangwa n'umuhati; ibyo byose bigira umumaro mwiza, ariko hano nta bubasha bifite [bwo kudukura muri urwo rwobo]. Bishobora gutuma habaho imyitwarire myiza igaragarira amaso, ariko ntibishobora guhindura umutima; ntibishobora kweza amasōko y'ubugingo. Hakwiriye kubaho imbaraga ikorera mu mutima, ubugingo bushya buturutse mu ijuru, mbere yuko umuntu ashobora guhinduka akava mu byaha akagera mu butungane. Iyo mbaraga ni Kristo. Ubuntu Bwe gusa nibwo bushobora kuzahura imbaraga z'umutima wazahaye, maze bukawurehereza ku Mana no ku butungane." – *Kugana Yesu*, p.18.

## 5. UBUGINGO BUSHYA N'IBIKORWA BITUNGANYE

Kuwa Gatanu
30 Mutarama

**a. Ni ubuhe butumwa intumwa zagombaga kwandika hanyuma bwerekeranye no guhinduka kujyanirana no kuvuka bundi bushya? Abagalatiya 2:20; 1Yohana 2:15 – 17.**

---

"Ububasha buhindura bw'Imana bushobora guhindura kamere bakomoye ku babyeyi babo ndetse n'iyo bimenyereje ubwabo kuko idini ya Yesu ari iyo gukiza umuntu ikamuzahura. "Kuvuka ubwa kabiri" bisobanuye uguhinduka no kuvuka bundi bushya muri Kristo Yesu." – *Urugo rwa Kidiventisiti,* p.206.

"[Pawulo] yari azi neza ko iyo ubwenge bw'abantu buza gushobora gusobanukirwa igitambo gitangaje cyatanzwe n'Umwami w'ijuru, ukwikunda kose kwari kwirukanwa mu mitima yabo. Abanza kwerekeza ibitekerezo ku mwanya Kristo yari afite mu ijuru, ari mu gituza cya Se; nyuma yaho amuhishura nk'uwemeye kwiyambura ubwiza Bwe, ku bushake bwe yemera imibereho yose y'ugucishwa bugufi kwa kamere y'umuntu, afata inshingano z'umugaragu kandi araganduka kugeza ubwo apfa, urwo rupfu rukaba arirwo rupfu rw'urukozasoni kandi rugayitse cyane, rubabaje cyane kurusha izindi zose – ni urupfu rwo ku musaraba. Mbese Abakristo bashobora gutekereza kuri icyo gikorwa gihebuje kigaragaza urukundo Imana ikunda [twebwe] abantu tutagira amarangamutima y'urukundo kandi tukaba tutazi yuko tutari abacu? Umutware nk'uwo ntagomba gukorerwa [igihe] umuntu yumva atabyishimiye, cyangwa se afite ukurarikira no kwikanyiza." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 4, p.458.

"Ndagirango nkubwire nk'uko Kristo yabwiye Nikodemu nti: "Ukwiriye kubyarwa ubwa kabiri." Abantu bafite Kristo akaba ariwe utegeka muri bo, ntibazigera bagira icyifuzo cyo kwigāna ukwiyerekana kw'ab'isi. Bazajya bitwaza ibendera ry'umusaraba ahantu hose, bahore batanga ubuhamya bw'intego zihanitse n'insanganyamatsiko zifite agaciro karuta ibyo ab'isi bibandaho. Imyambarire yacu, aho dutuye, n'ibiganiro byacu, bigomba guhamya ko twiyeguriye Imana. Ni iyihe mbaraga yari guherekeza abantu bagaragaje ko baretse byose kubwa Kristo?" – *Ibid.,* vol 5, p.189.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
31 Mutarama

1. Ni gute Nikodemo yibonaga bitewe n'imirimo myiza yakoraga?
2. Mbese Nikodemo yitwaye ate imbere ya Kristo?
3. Mbese "kuvuka ubwa kabiri" bisobanuye iki?
4. Ni gute habaho ukuvuka bundi bushya?
5. Ni iyihe mpinduka mu myifatire umuntu agira iyo avutse ubwa kabiri, kandi ni ukubera iki?

Ku Isabato, 8 Gashyantare 2025

**Icyigisho 6**

# Imikorere y'Umwuka Wera

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Kandi nk'uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, ni ko Umwana w'umuntu akwiriye kumanikwa, kugira ngo umwizera wese abone guhabwa ubugingo buhoraho." (Yohana 3:14,15).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Imigani ya Kristo*, p.95 – 102.

"Reba, reba kuri Yesu maze ubeho." – *Uburezi bwa Gikristo*, p.76.

## 1. KUBAZA IKIBAZO BITURUTSE KU GUSHOBERWA

Kuwa Mbere
02 Gashyantare

**a. Ni ikihe kibazo Nikodemo yabajije kigaragaza ko umutima we wari urimo koroshywa? Yohana 3:9.**

---

"Mu by'ukuri, Yesu yabwiye Nikodemo ati: impaka sizo zizakemura ikibazo cyawe, kandi guterana amagambo [bisa nko gutongana] sibyo bizanira umuntu umucyo. Ukwiriye kugira umutima mushya, bitabaye ibyo ntushobora kumenya iby'ubwami bwo mu ijuru. Ntabwo ari ibihamya byinshi bizatuma uba mu mwanya ukwiriye, ahubwo ni imigambi mishya, ibintu bishya byo gukora. Ukwiriye kuvuka ubwa kabiri. Ibimenyetso bikomeye kurusha ibindi byose ntacyo bishobora kumara; kugeza igihe iri hinduka ribayeho, ibintu byose bikaba bishya. Ibyo ukeneye biri mu mutima wawe, buri kintu cyose gikwiriye guhinduka, bitagenze bityo ntushobora kubona ubwami bw'Imana.

"Aya yari amagambo akojeje isoni cyane kuri Nikodemo..... Ntiyari afite ubwenge buhagije bw'iby'umwuka bwo kumenya ubusobanuro bw'amagambo ya Kristo. Nyamara Umukiza ntiyigeze ahangana na we mu magambo ngo bajye impaka.....

"Imirasire imwe n'imwe y'umucyo w'ukuri yatangiye kwinjira mu bwenge bw'uwo mutegetsi. Amagambo ya Kristo yamwujuje ugutangara, maze bituma abaza ati: 'ibyo bishoboka bite?' Yesu yamusubizanyije umwete agira ati: 'Ukaba uri umwigisha w'Abisirayeli ntumenye ibyo!' Amagambo ye yahaye Nikodemo isomo ry'uko, aho kugirango arakazwe n'amagambo y'ukuri yumvikana neza no kwinangira, akwiriye kurushaho kwiyoroshya bitewe n'ubujiji bwe mu by'umwuka. Nyamara amagambo ya Kristo yavuzwe mu buryo bwiyubashye cyane, kandi mu ndoro no mu mvugo hagaragazaga urukundo rwimbitse yamukundaga, ku buryo atarakaye ubwo yamenyaga imimerere ye iteye isoni." – *Ibihamya ku Bagabura*, p.368,369.

## 2. GUHINDURA INYIFATO USANGANYWE



**a. Ni iki Abafarisayo biratanaga? Luka 18:9 – 12.**

---

“Abayuda nibo babanje guhamagarirwa gukora mu ruzabibu rw’Uwiteka, bityo kubera iyo mpamvu bari abibone ndetse bihangira gukiranuka. Imyaka myinshi bamaze mu murimo, babonaga ko bari bafite uburenganzira bwo guhabwa ingororano iruta iy’abandi. Nta kintu cyabarakaje cyane kuruta igitekerezo cy’uko abanyamahanga bagomba kwemererwa kugira amahirwe angana n’ayabo mu by’Imana.” – *Imigani ya Kristo*, p.400.

**b. Ni gute Yesu yerekanye umurimo w’Umwuka Wera mu mutima? Yohana 3:8.**

---

---

“Umuyaga wumvikana mu mashami y’ibiti, ukanyeganyeza amababi n’uburabyo; nyamara ntugaragara, kandi nta muntu ubasha kumenya aho uturuka cyangwa aho ujya. Ni nako umurimo w’Umwuka Wera umeze mu mutima w’umuntu. Ntubasha kuwusobanura nkuko utabasha gusobanura imigendere y’umuyaga. Umuntu abasha kudasobanura neza igihe n’aho byabereye, cyangwa ngo arondore uko byagenze mu guhinduka kwe; ariko ibi ntibivuze ko atahindutse. Mu buryo butagaragara nk’ubw’umuyaga, Kristo aba akabakaba ku mutima ubutitsa.” – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.172.

**c. Ni gute iby’Imana ivuga bishyirwa mu mutima? Yesaya 30:21; Yeremiya 42:3; Matayo 16:17.**

---

---

“Buhoro buhoro, ndetse ahari mu buryo butanasobanukiye ubyakira, hari ibikorwa bibaho biba bigamije kugarura umuntu kuri Kristo. Ibi bibasha kuza ari uko umutekerezaho, binyuze mu gusoma Ibyanditswe Byera, cyangwa binyuze mu kumva amagambo y’umubwiriza ahesha agakiza. Ako kanya, uko Umwuka agusanga akomeza kukurarika mu buryo butaziguye, wumva unejejwe no kwegurira umutima wawe Yesu. Kuri benshi ibi byitwa guhinduka gutunguranye; ariko ibyo ni ingaruka yo kwingingwa n’Umwuka Wera igihe kirekire, akwihanganira, mu buryo burambye ndetse burenze ubwo umuntu atekereza.” – Ibid.

“Nimwemere ko imitima yanyu yoroshywa kandi ikagandukira Umwuka w’Imana. Nimutyo imitima ikomeye nk’urubura ishongeshwe n’umurimo w’Umwuka Wera.” — *Letters and Manuscripts*, vol. 12, Letter 53, 1897.

## 3. IGIHAMYA CY'UKUVUKA UBWA KABIRI

Kuwa Gatatu
04 Gashyantare

**a. Ni gute imikorere y'Umwuka Wera mu mutima ihishurwa mu buryo bugaragarira amaso? Abagalatiya 5:22 – 25.**

---

"Nubwo umuyaga utagaragara, ariko ubyara ibikorwa bigaragara kandi byumvikana. Ni ko umurimo w'Umwuka mu muntu uzigaragaza mu bikorwa byose by'uwamaze kwiyumvamo imbaraga y'Umwuka ikiza. Iyo Umwuka w'Imana ahawe umwanya mu mutima, ahindura imibereho y'umuntu. Intekerezo z'icyaha zikurwamo, ibikorwa bibi bikarekwa; urukundo, kwicisha bugufi, n'amahoro bisimbura uburakari, ishyari n'amahane. Ibyishimo bikajya mu mwanya w'agahinda, maze mu maso hawe hakarabagirana umucyo mvajuru." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.173.

**b. Ni ryari umuntu yakira umugisha wo guhinduka? Abaroma 10:9,10; 1Yohana 1:9.**

---

---

"Nta n'umwe ubona ukuboko gukuraho umutwaro, cyangwa ngo abone umucyo umanuka uva mu bikari byo mw'ijuru. Imigisha igera ku muntu wiyeguriye Imana kubwo kwizera. Maze iyo mbaraga itabonekera amaso y'umuntu ikarema umuntu mushya mw'ishusho y'Imana." – Ibid.

"Niba ufite Umwuka Wera uhindura umutima wawe buri munsi, uzagira ubushishozi bw'Imana kugirango umenye imiterere y'ubwami bw'Imana. Nikodemo yakiriye inyigisho ya Kristo maze aba umwizera nyakuri." – *Ibihamya ku Bagabura*, p.369,370.

**c. Ni gute Kristo yerekana uko ibyo bikorwa? Matayo 13:33.**

---

---

"Umusemburo uhishwe mu ifu ukora mu buryo butagaragara kugirango utume ifu yose isemburwa. Uko niko umusemburo w'ukuri ukorera mu ibanga, mu mutuzo kandi mu buryo buhamye, kugirango uhindure ubugingo. Kamere yo guhengamira ku kibi iroroshywa kandi igacibwa intege. Ibitekerezo bishya, ibyiyumvo bishya ndetse n'imigambi mishya, bishyirwa mu muntu. Hashyirwaho ihame rishya rigenga imico, ariryo mibereho ya Kristo. Imitekerereze irahinduka, imbaraga z'ubwenge zigakangukira gukora mu buryo bushya. Umuntu ntahabwa ubushobozi bushya, ahubwo ubushobozi afite burezwa. Umutimanama urakangurwa. Duhabwa imico idushoboza gukora umurimo w'Imana." – *Imigani ya Kristo*, p.98,99.

## 4. IKIGERERANYO KIMENYEREWE



**a. Ni gute Yesu yerekanye ukubambwa Kwe kwari kwegereje? Yohana 3:14,15.**

---

"[Yohana 3:14,15] Aha byari bigeze ku byo Nikodemo yari amenyereye. Ikimenyetso cy'inzoka yamanitswe cyamusobanuriraga umurimo w'Umukiza. Ubwo Abisirayeli bapfaga bazira kurumwa n'inzoka zifite ubumara, Imana yategetse Mose gucura inzoka y'umuringa, maze ayishyira ahirengeye hagati y'iteraniro. Maze itangazo riratangwa mu nkambi yose yuko uzareba kuri iyo nzoka wese azakira. Abantu bari bazi neza yuko inzoka ubwayo nta mbaraga yo kubakiza ifite. Yari igishushanyo cya Kristo. Nkuko igishushanyo cyakozwe mu nzoka yica cyamanitswe hejuru ngo bakizwe, niko "uwambitswe ishusho y'icyaha" yagombaga kuba umucunguzi wabo. Abaroma 8:3. Abenshi mu Bisirayeli bafataga umuhango wo gutamba ibitambo nk'aho muri wo ubwawo harimo imbaraga zababohora mu byaha. Imana yashakaga kubigisha ko nta gaciro byari bigifite karenze ibya ya nzoka y'umuringa. Byari ibyo gutuma berekeza ibitekerezo byabo ku Mukiza. Byaba mu kubakiza ibikomere byabo cyangwa kubababarira ibyaha, ntacyo bo babashaga kwimarira uretse kugaragaza kwizera Impano y'Imana. Bagombaga guhanga amaso maze bagakira." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.174,175.

**b. Kubera iki hari bamwe bapfuye nubwo bari bafite ubutabazi? 1Abakorinto 10:9; Abaheburayo 3:12.**

---

"Abenshi mu Bisirayeli nta bufasha babonye mu buryo bwo gukira Imana yari yashyizeho. Imirambo n'abasambaga bari bagandagaje hose, kandi bari bazi ko Imana nitabafasha nabo barapfa; ariko bakomeje kwiganyira ku bw'ibisebe byabo, umubabaro bari bafite n'urupfu babonaga rutari bubarenge kugeza igihe bashiragamo imbaraga maze amaso yabo akarerembura mu gihe bashoboraga gukizwa mu kanya nk'ako guhumbya." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.432.

**c. Mbese ni hehe dukwiriye guhanga amaso, niba dushaka gukizwa? Abaheburayo 6:19,20.**

---

"Ingaruka kirimbuzi z'icyaha zishobora gukurwaho gusa n'ubuntu Imana yagennye. Abisirayeli bakijije ubugingo bwabo kubwo kureba inzoka yari imanitswe. Uko kureba kwagaragazaga kwizera. Babayeho kubera ko bizeye ijambo ry'Imana kandi bakiringira uburyo yabateganyirije kugira ngo bakire. Uko ni ko umunyabyaha akwiriye kureba kuri Kristo akabaho. Ababarirwa iyo yizeye igitambo cy'impongano. Ibihabanye na ya nzoka itaragiraga ubuzima yari igishushanyo, Kristo afite ubushobozi n'imbaraga muri we zo gukiza umunyabyaha wihana." – *Ibid.*, p.431.

## 5. KUGUMISHA AMASO YACU KU KINTU KIMWE

Kuwa Gatanu
06 Gashyantare

a. Ni ikihe cyigisho Nikodemo yaje gusobanukirwa nyuma yaho, kandi natwe ni irihe somo dukeneye kumenya tugahora turizirikana? Abefeso 2:8; Luka 13:20,21.

"Akenshi havuka ikibazo kigira kiti: none se, ni kuki hari abantu benshi bavuga ko bizera ijambo ry'Imana, nyamara ugasanga nta vugurura rigaragara mu magambo yabo, mu mitima yabo no mu mico?" Ni ukubera iki hari benshi badashobora kwihanganira ko imigambi yabo n'ibyo bagamije birwanywa, bagaragaza imyifatire itejejwe, kandi bakaba bavuga amagambo akomeretsa, y'ubushotoranyi no kubuza amahwemo? Mu mibereho yabo hagaragaramo ukwikunda nk'ukw'ab'isi, ukwikanyiza, umushiha [uburakari bwa hato na hato nta mpamvu] ndetse n'amagambo mabi nk'ibiboneka mu mibereho y'ab'isi. Bafite ubwibone nk'ubwabo, bakurikiza ibyifuzo byabo bya kamere, bafite imyifatire mibi nk'iy'abantu batazi ukuri na busa. Impamvu ibitera ni uko batahindutse. Ntibahishe umusemburo w'ukuri mu mitima [yabo]. Uwo musemburo ntiwabonye uburyo bwo gukora umurimo wawo. Imbaraga ibakururira gukora ikibi yaba iyo bavukanye n'iyo bimenyereje nyuma, ntiyigeze yegurirwa wa musemburo ngo uyikoresheho imbaraga zawo. Imibereho yabo ihishura ko nta buntu bwa Kristo bafite, kandi ko batizera imbaraga Ye ihindura imico.

" 'Kwizera guheshwa no kumva, no kumva kukazanwa n'ijambo rya Kristo' (Abaroma 10:17). Ibyanditswe Byera ni igikoresho gikomeye mu guhindura imico. Kristo yarasenze ati: 'Ubereshe ukuri, ijambo ryawe niryo kuri.' (Yohana 17:17). Ijambo ry'Imana iyo ryizwe kandi rikumvirwa, rikorera mu mutima, rikawutsembamo buri ngeso yose yanduye. Umwuka Wera araza kugirango atwemeze icyaha, maze ukwizera kuvuye mu mutima kugakoreshwa n'urukundo dukunda Kristo, gutuma dusa na We ku umubiri, umwuka n'ubugingo. Ubwo nibwo Imana ishobora kudukoresha kugirango dukore ibyo ishaka. Imbaraga duhabwa ikora iturutse imbere mu mutima ikagaragarira inyuma, ikatuyobora kugeza ku bandi ukuri twamenye." – *Imigani ya Kristo*, p.99,100.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
07 Gashyantare

1. Ni ikihe kintu nyamukuru cyaranze Abafarisayo bo mu gihe cya Kristo?

2. Sobanura ukuntu duhindurwa bashya tugasa na Kristo.

3. Ni gute ihinduka ry'umutima rigaragazwa?

4. Sobanura ikigereranyo cy'inzoka imanitswe.

5. Ni gute umugani w'umusemburo uhishura ugukurira mu buntu bw'Imana?

Ku Isabato, 15 Gashyantare 2025 **Icyigisho 7**

# Yesu na Yohana Umubatiza

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Uwo akwiriye gukuzwa, naho jye nkwiriye kwicisha bugufi." (Yohana 3:30).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.721 – 729.

"Umukiza wacu yavuze ko Yohana Umubatiza ariwe muhanuzi ukomeye kuruta abandi [bahanuzi bose]. Nyamara se, mbega ukuntu amagambo y'uwo muntu w'Imana atandukanye n'ay'abantu benshi bavuga ko ari abagabura b'iby'umusaraba! Igihe yabazwaga niba ariwe Kristo, Yohana yavuze ko atari akwiriye no gupfundura udushumi tw'inkweto za Shebuja." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 5, p.224.

## 1. IKIBAZO CYAVUTSE MU BIGISHWA

Kuwa Mbere
09 Gashyantare

**a. Ni ikihe kibazo cyavutse hagati y'abigishwa ba Yohana n'Abayuda? Yohana 3:25.**

---

"Abigishwa ba Yohana bitegerezanyije ishyari uburyo Yesu yarushagaho kwamamara. Batangira kwitegura kunenga umurimo we, kandi bidatinze baba babonye uburyo. Havutse ikibazo hagati yabo n'Abayuda bibaza niba umubatizo uhanaguraho umuntu icyaha; bakomeza bavuga ko umubatizo wa Yesu utandukanye n'uwa Yohana. Bidatinze bagirana impaka n'abigishwa ba Kristo ku bijyanye n'amagambo akwiriye gukoreshwa mu kubatiza, kandi na none ku iherezo baje kwibaza uwahaye Yesu uburenganzira bwo kubatiza." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.178.

**b. Ni gute abigishwa ba Yohana bagaragaje ko bagiriraga ishyari umurimo wa Kristo, kandi se, ni ikihe gisubizo cyiza yatanze? Yohana 3:26,27.**

---

"Yohana yari afite muri kamere ye amakosa n'intege nke nk'iziboneka mu bandi bantu, ariko gukorwaho n'urukundo mvajuru byari byarahinduye imibereho ye. Yiberagaho imibereho irangwa n'umwuka uzira inarijye no kurarikira ibikomeye, kurutaho akabaho imibereho itarangwamo ukutanyurwa n'ishyari. Ntiyagaragaje kwifatanya mu kutanyurwa kwaranze abigishwa be, ahubwo yerekanye neza uko yari asobanukiwe isano iri hagati ye na Mesiya, n'uburyo yakiranye ibyishimo Uwo yari yarateguriye inzira." – *Ibid.,* p.179.

## 2. UMURIMO WA YOHANA



**a. Ni gute Yohana yagaragaje ko yari asobanukiwe umurimo we? Yohana 3:28,29.**

---

"Yohana yigaragaje nk'umuranga wakoraga umurimo nk'uw'intumwa ihuza imiryango yombi, y'abitegura gushyingiranwa. Ubwo umukwe yari amaze kwakira umugeni we, umurimo w'umuranga wari urangiye. Yishimiye umunezero w'abari bamaze guhuzwa n'umurimo yari yarakoranye imbaraga. Yohana yari yarahamagariwe kuyobora abantu kuri Yesu, kandi byari ibyishimo bye kubona umurimo w'Umukiza ujya mbere." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.179.

**b. Sobanura umurimo wa Yohana, ndetse n'uwacu. Yohana 1:23,29.**

---

"Yohana yari yarageze ku rugero rwo kwigomwa ibimunezeza, kuko yitegerezaga Umucunguzi mu kwizera. Ntiyigeze atekereza kwireherezaho abantu, ahubwo yaharaniraga kurushaho kuzamura ibitekerezo byabo, kugeza ubwo bizashyika kuri Ntama w'Imana. We ubwe yari ijwi, yari ijwi rirangururira mu butayu. Noneho yari anejejwe no kwemera guceceka no kutagaragara, kugira ngo amaso yose ahindukirire Umucyo w'Ubugingo.

"Abanyakuri ku muhamagaro wabo nk'intumwa z'Imana ntibazishakira icyubahiro ubwabo. Kwikunda kuzamirwa n'urukundo rwa Kristo. Nta kurushanwa kuzangiza umurimo w'agaciro kenshi w'ubutumwa bwiza. Bazasobanukirwa ko ari umurimo wabo kwamamaza [inkuru nziza], nkuko Yohana yabigenje, bagira bati: "Nguyu Umwana w'intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mw'isi." Yohana 1:29. Bazerereza Yesu, kandi hamwe na we inyokomuntu izashyirwa hejuru. "Nimwumve uko Iyo iri hejuru cyane, ituye ahahoraho ivuga, izina ryayo ni Uwera ikavuga iti 'Aho ntuye ni hejuru kandi harera. Mbana n'ufite umutima umenetse wicisha bugufi, kugira ngo mpembure imyuka y'abicisha bugufi, mpembure n'abafite imitima imenetse." Yesaya 57:15." – *Ibid.*, p.179,180.

"Ntukishakire ibinezeza n'ibikunogeye, ahubwo ujye ushaka kumenya ibyo Imana ishaka kandi ubikore. Buri wese yibaze ati: 'Mbese nta muntu n'umwe nshobora kwerekeza ku Mwana w'Intama ukuraho ibyaha by'abari mu isi? Mbese sinshobora guhumuriza umuntu wihebye? Mbese sinshobora kuba igikoresho cyo gukiza abantu runaka bakagera mu bwami bw'Imana?' Turashaka ko Umwuka w'Imana akabakaba imitima yacu mu buryo bwimbitse cyane, kugirango twebwe ubwacu tudashobora kwiyambika imyambaro yera gusa, ahubwo na none tubere abandi icyitegererezo cyiza; bityo amazina yabo ashobore kwandikwa mu gitabo cy'ubugingo; ubutazigera ahanagurwamo." — *Historical Sketches*, p.140.

## 3. IMPANO Y'UMWUKA

**a. Ni gute abantu benshi bakiriye ubutumwa bwa Kristo? Yohana 3:32.**

"Abigishwa ba Yohana bavugaga ko abantu bose basanga Kristo; ariko Yohana yababwiranye ubushishozi bureba kure agira ati: "Ntacyo umuntu yashobora kwiha ubwe;" bityo bake ni bo bari biteguye kumwemera nk'Umukiza ubakiza ibyaha. Ariko "uwemera ibyo ahamya, aba yemeye n'uko n'Imana ari inyakuri." Yohana 3:33." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.181.

**b. Ni nde wahawe impano y'Umwuka Wera? Yohana 3:34.**

"Tubasha kwakira umucyo wo mw'ijuru igihe gusa dufite ubushake bwo kwemera gupfa ku narijye. Ntitubasha gusobanukirwa n'imico y'Imana, cyangwa ngo twemere Kristo kubwo kwizera, keretse gusa twemeye kuzana buri gitekerezo kikaba imbohe yo kumvira Kristo. Ababigenza batyo bose bahabwa Umwuka Wera ku rugero rutagabanije. Muri Kristo "ni ho hari kuzura k'Ubumana kose mu buryo bw'umubiri. Kandi mwuzuriye muri we." Abakolosayi 2:9,10." – Ibid.

**c. Ni gute urufunguzo rwo guhabwa Umwuka Wera mu rugero rwagutse rwongeye guhishurirwa mu Byanditswe Byera? Yohana 14:15 – 17; Ibyakozwe n'Intumwa 5:32.**

"Ntitugomba kuvuga gusa ngo, 'Ndizeye', ahubwo dukwiriye gushyira ukuri mu bikorwa. Gukurikiza ubushake bw'Imana haba mu magambo, mu myitwarire no mu mico yacu, nibyo bihamya umubano n'isano dufitanye na Kristo. Igihe cyose umuntu azinutswe icyaha, aricyo kwica amategeko, imibereho ye izakurikiza amategeko, ndetse yumvire ubudakebakeba. Uyu ni umurimo w'Umwuka Wera. Iyo umucyo wo mu ijambo ry'Imana wiganwe ubushishozi, usanga ijwi ry'umutimanama, aririyo mbaraga y'Umwuka Wera, ribyarira mu mutima urukundo nyakuri umuntu akunda Kristo witanze nk'igitambo gishyitse kugirango acungure umuntu: umubiri, umwuka n'ubugingo. Kandi urukundo rugaragarizwa mu kumvira. Umurongo utandukanya uzaba ugaragara neza kandi wiranga hagati y'abakunda Imana kandi bubahiriza amategeko Yayo n'abatayikunda kandi basuzugura amategeko n'amateka Yayo." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 6, p.92.

## 4. AGACIRO K'UMUBATIZO

Kuwa Kane
12 Gashyantare

**a. Kubera iki ari iby'ingenzi ko dusobanukirwa intambwe dutera dusanga Kristo igihe dufashe umwanzuro wo kubatizwa? Yohana 3:36.**

---

"Ukuyeho Kristo, umubatizo, kimwe n'indi mihango, ntacyo bimaze." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.181.

"Nta mpamvu yo kujya impaka yuko umubatizo wa Kristo cyangwa uwa Yohana wezaho ibyaha. Ni ubuntu bwa Kristo buha umuntu ubugingo." – Ibid.

"Kandi muri Kristo gusa, niho habonerwa ukudapfa. Yesu yaravuze ati: "Uwizera uwo Mwana aba abonye ubugingo buhoraho: Ariko utumvira uwo Mwana, ntazabona ubugingo, ahubwo umujinya w'Imana uguma kuri we." Yohana 3:36. Umuntu wese akwiriye kuza kwakira iyo migisha adahenzwe niba agendera mu byo asabwa. "Abashaka ubwiza n'icyubahiro no kudapfa, babishakisha gukora ibyiza, badacogora baziturwa ubugingo buhoraho." Abaroma 2:7." – *Intambara Ikomeye*, p.533.

"Umubatizo ni igihamya gikomeye cyane cy'uko umuntu azinutswe isi. Abantu babatirijwe mu butatu bwa Data wa twese, Umwana n'Umwuka Wera mu itangira ry'ubuzima bwabo bwa Gikristo, bahamya ku mugaragaro ko baretse gukorera Satani, bakaba bahindutse abagize umuryango w'ibikomangoma, bakaba ari abana b'Umwami w'ijuru." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 6, p.91.

**b. Sobanura amagambo atangaje yavuzwe na Yohana Umubatiza agaragaza ukwimbika kw'imibereho nyakuri isobanurwa n'umubatizo. Luka 3:7,8.**

---

"Yohana yageraga ishoka ku mizi y'igiti. Yamaganaga icyaha ntatinye ingaruka zamubaho, maze ategurira inzira Umwana w'Intama w'Imana.

"Ubwo Herode yumvaga ubuhamya bwa Yohana bukomeye kandi budakebakeba, yakozwe ku mutima maze n'amatsiko menshi abaza icyo agomba gukora kugira ngo abe umwigishwa we. Yohana yari azi neza ko Herode agiye kurongora umugore w'umuvandimwe we nyamara umugabo w'uwo mugore yari akiriho maze abwiza Herode ukuri ko amategeko atabyemera." – *Inyandiko z'Ibanze*, p.154.

"Yohana Umubatiza yarwanyije icyaha yeruye mu bantu bacishije bugufi ndetse no mu bo mu rwego rwo hejuru. Yabwiye ukuri abami n'ibikomangoma atitaye ko bari bumwumve cyangwa bakabisuzugura. Yavugaga yerekeje ku muntu ku giti cye kandi yeruye." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 2, p.149.

## 5.UBURYO BW'IMIKORERE BURANGWAMO UBWENGE

Kuwa Gatanu
13 Gashyantare

a. Mbese Yesu yakoze iki igihe yamenyaga ko Abafarisayo barimo kugerageza guteza amakimbirane hagati ye na Yohana? Yohana 4:1 – 3.

---

"Yesu yari azi ko [Abafarisayo] bazakora ibishoboka byose kugira ngo bacemo ibice abigishwa be n'aba Yohana. Yari azi ko inkubi y'umuyaga wari uriho wirundanya kugira ngo utembane abahanuzi bakomeye cyane kuruta abandi bigeze guhabwa isi. Mu kwirinda icyatuma hababo kutumvikana no kwicamo ibice, ahagarika imirimo ye bucece, maze ajya i Galilaya. Natwe rero, nubwo twaba mu kuri, dukwiriye kugerageza kwirinda ikintu icyo aricyo cyose cyatuma hababo impaka no kutumvikana. Kuko igihe cyose [iyo] ibyo bivutse, bivamo gutakaza ubugingo bwa bamwe. Igihe cyose habonetse ikibasha kuvamo gucikamo ibice, dukwiye gukurikiza urugero rwa Yesu na Yohana Umubatiza." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.181.

b. Ni iki twakwigira ku nyifato ya Yohana ku gukemura amakimbirane? Yohana 3:30.

---

"Kimwe nk'abigishwa ba Yohana, benshi bumva ko kujya mbere k'umurimo gushingiye ku mukozi wa mbere. Umuntu akaba ari we uhangwa amaso aho kuyahanga Imana, ishyari rikazamo, maze umurimo w'Imana ukangizwa. Bityo uwo uhawe icyubahiro kitamukwiriye agashyirwa mu kigeragezo cyo kwiyemera. Ntabona ko na we abashishwa n'Imana. Abantu bigishwa kwiringira kuyoborwa n'umuntu, noneho bakagwa mw'ikosa, bityo bakava ku Mana.

"Umurimo w'Imana ntugomba kugira ishusho n'ikimenyetso [aricyo kirango] by'umuntu. Uko ibihe biha ibindi Uwiteka azagenda awuzanamo abakozi batandukanye, abagire ibikoresho asohorezamo umugambi we mu buryo burushijeho kuba bwiza. Barahirwa abemera gucishwa bugufi, bakavuga nka Yohana Umubatiza bati, "Uwo akwiriye gukuzwa, naho jye nkwiriye kwicisha bugufi." – *Ibid.*, p.182.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
14 Gashyantare

1. Ni ukubera iki abigishwa ba Yohana bagiriye ishyari umurimo wa Kristo?
2. Ni iki Yohana yabwiye abigishwa be?
3. Mbese impano y'Umwuka Wera yatanzwe kubw'uwuhe mugambi?
4. Ni gute umubatizo usohoza intego yawo nyakuri?
5. Ni iki Yesu na Yohana bakoze igihe babonaga ko hari akaga k'amakimbirane hagati y'abigishwa babo?

Ku Isabato, 22 Gashyantare 2025

**Icyigisho 8**

# Yesu n'Umugore w'Umusamariyakazi

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Ariko unywa amazi nzamuha ntazagira inyota rwose iteka ryose, ahubwo amazi nzamuha azamuhindukiramo isoko y'amazi adudubiza kugeza mu bugingo buhoraho." (Yohana 4:14).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero,* vol 4, p.384 – 387.

"Uwifuza kumarwa inyota n'amazi yo ku masōko y'iyi si azanywa ariko yongere agire inyota. Ahantu hose abantu ntabwo banyuzwe. Barashaka icyahaza ubukene bw'umutima. Hariho Umwe gusa ubasha guhaza uko kwifuza. Uwo isi ikeneye, "Uwifuzwa n'amahanga yose" ni Kristo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.187.

## 1. YESU I SUKARA

Kuwa Mbere
16 Gashyantare

**a. Igihe Yesu n'abigishwa Be bari mu rugendo bajya i Galilaya, ni hehe bahagaze? Yohana 4:6.**

"Ubwo Yesu yari yicaye iruhande rw'iriba, yari afite inzara n'inyota. Urugendo uhereye mu gitondo rwari rurerure, noneho izuba ryo ku manywa y'ihangu ryari rimurasiye hejuru. Inyota ye yongerwaga no gutekereza amazi afutse, amazi meza amuri iruhande, nyamara atabasha kuyashyikira; kubera ko atari afite umugozi cyangwa ikivomesho, kandi iriba ryari rirerire. Intege nke za kimuntu zose zari kuri we, bityo yari ategereje uwaza kuvoma." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.183.

**b. Ni nde waje ku iriba, ni iki Yesu yamusabye gukora, kandi se ibyo byagombye kutwigisha iki? Yohana 4:7.**

"Urwangano rwari hagati y'Abayuda n'Abasamariya rwabujije Umusamariyakazi kugirira Yesu iyo neza; ariko Umukiza yashakaga icyabasha gukingura umutima w'uwo Musamariyakazi, maze mu bwenge bukomoka mu rukundo mvajuru, Yesu asa n'ushaka gufashwa, nyamara ari we washakaga gutanga ubufasha. Iyo uwo Musamariyakazi aza gukorerwa igikorwa cy'ineza yashoboraga kutacyemera; ariko uwo ugiriye icyizere na we aracyikugirira. Umwami w'ijuru yasanze uyu wari insuzugurwa, amusaba kugira icyo yamukorera giturutse mu biganza bye. Uwaremye inyanja, ufite ububasha ku mazi yose yo hasi, uwafukuye amasōko n'imigezi yo kw'isi, yari yicajwe n'umunaniro kw'iriba rya Yakobo, ategereje gufashwa n'umugenzi wamugirira impuhwe akamuha impano y'amazi yo kunywa." – *Ibid.*, p.184.

## 2. AMAZI Y'UBUNDI BWOKO

Kuwa Kabiri
17 Gashyantare

**a. Ni gute Yesu yerekeje ibitekerezo by'uwo mugore ku mpano y'agakiza? Yohana 4:10.**

---

"Amazi Kristo yerekezagaho ni ihishurwa ry'ubuntu Bwe mu ijambo Rye, Umwuka We, inyigisho Ze, bikaba ari nk'isōko imara inyota buri muntu. Ayandi masōko yose bazashakiraho, azagaragara ko adahagije. Ariko ijambo ry'ukuri, rimeze nk'imigezi y'amazi afutse, agereranywa n'amazi y'i Lebanoni, ahora amara inyota. Muri Kristo niho umunezero wuzurira by'iteka ryose." – *Ibihamya ku Bagabura,* p.390.

**b. Uwo mugore yabyifashemo ate amaze kumva icyo Kristo atanga? Yohana 4:11,12.**

---

---

"Ubwenge bw'uwo mugore ntibwasobanukiwe icyo Yesu yashakaga kuvuga, yatekereje ko yavugaga iriba ryari imbere yabo". – *Umwuka w'Ubuhanuzi*, vol 2, p.140,141.

**c. Ni gute Yesu yashyize itandukaniro hagati y'ubwoko bumwe bw'amazi n'ubundi, kandi se ni gute ubwo butumwa natwe bushobora kutuzanira imigisha? Yohana 4:13,14; Ibyahishuwe 22:17.**

---

---

"Tugomba kugira nyambere urukundo no gushima, dukwiriye guhanga amaso Yesu maze tugahindurirwa gusa na We. Ibi bizatuma turushaho kugira icyizere, ibyiringiro, kwihangana n'ubutwari. Tuzanywa ku mazi y'ubugingo ayo Kristo yabwiye umugore w'Umusamarayikazi. Yaramubwiye ati: 'Iyaba wari uzi impano y'Imana, ukamenya n'ugusabye amazi uwo ari we, nawe uba umusabye na we akaguha amazi y'ubugingo.... Umuntu wese unywa aya mazi azongera kugira inyota, ariko unywa amazi nzamuha ntazagira inyota rwose iteka ryose, ahubwo amazi nzamuha azamuhindukiramo isoko y'amazi adudubiza kugeza mu bugingo buhoraho.' Aya amazi agereranya ubugingo bwa Kristo, kandi buri wese akwiriye kubugira binyuze mu kugirana n'Imana umushyikirano muzima. Noneho guhirwa, kwicisha bugufi, n'ibyiringiro bidakebakeba, bizaba ihame rihoraho mu mutima. Ubwoba butarangwamo ukwizera buzakurwaho imbere y'ukwizera kuzima. Tuzatekereza ku mico y'Uwabanje kudukunda." – *Ibihamya ku Bagabura*, p.226.

## 3. AMAZI Y'UBUGINGO

Kuwa Gatatu
18 Gashyantare

**a. Ni gute umugore w'Umusamariyakazi yagaragaje ko nabwo yari atarasobanukirwa amagambo ya Kristo? Yohana 4:15.**

---

---

"Ubuntu mvajuru bushobora gutangwa na we gusa, ni amazi y'ubugingo, yeza, agarura imbaraga mu mubiri, asubiza intege mu bugingo.

"Yesu ntabwo yavugaga ko intama imwe y'amazi y'ubugingo ihagije ku uyakiriye. Usogongeye ku rukundo rwa Kristo akomeza iteka ryose kurwifuza; kandi nta kindi yifuza. Ubutunzi, ibyubahiro, n'ibinezeza by'isi ntibimurangaza. Ijwi ry'umutima we rihora ritaka riti, ni wowe nifuza. Kandi uhishurira ubugingo icyo bukeneye ategereje guhaza iyo nzara n'inyota. Ubushobozi bw'abantu no kubiringira ntibizagira icyo bigeraho. Ibigega by'amazi bizakama, amariba azuma; ariko Umukiza wacu ni isōko idakama. Tubasha kunywa, tukongera tukanywa, kandi tugahorana iteka isōko idakama. Uwo Kristo atuyemo ahorana muri we isōko y'imigisha — "isōko y'amazi adudubiza kugeza mu bugingo buhoraho." Ni muri iyo sōko abasha kuvomamo imbaraga n'ubuntu buhagije ku byo akennye bose." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.187.

**b. Kimwe n'umugore w'Umusamariyakazi n'abagenzi bo mu butayu bavugwa mu gitabo cyo Kuva, ni gute akenshi tunanirwa kumenya ubuntu buhebuje buturuka kuri Kristo? Zaburi 78:15,16,19,20 (ahabanza); 114:7,8.**

---

"Mose yakubise igitare, nyamara cyari Umwana w'Imana wari wikinze mu nkingi y'igicu, ahagarara iruhande rwa Mose, kandi atuma amazi abeshaho atemba. Ntabwo Mose n'abakuru b'Abisirayeli ari bo gusa babonye ubwiza bw'Imana, ahubwo n'iteraniro ryose ryari rihagaze ryitaruye. Nyamara iyo icyo gicu kiramuka kivuyeho, bari kwicwa no kurabagirana guteye ubwoba k'Uwari muri icyo gicu." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.298.

"Kuba Kristo ahari mu buryo burangwa n'ineza mu ijambo Rye, buri gihe avugana n'umutima, bikamugaragaza ko ari isōko y'amazi y'ubugingo yo guhembura umutima uzahajwe n'inyota. Ni amahirwe yacu kugira Umukiza muzima kandi uhoraho. Ni we sōko y'imbaraga z'iby'umwuka zashyizwe muri twe, kandi imbaraga ye ihindura izagaragarira mu magambo no mu bikorwa, ihembure abantu bose bagerwaho n'icyitegererezo cyacu, ibyare muri bo ibyifuzo n'ubushake byo kuronka imbaraga no kubonera, kuko ubutungane n'amahoro ndetse n'umunezero; bitajya birangwa n'umubabaro na busa. Ibyo biterwa n'Umukiza uba utuye muri twe." – *Ibihamya ku Bagabura*, p.390.

## 4. YESU ATANGIRA GUHISHURA UWO ARI WE



**a. Ni ikihe cyigisho gishya Yesu yatangije mu kiganiro yagiranye n'umugore w'Umusamariyakazi, kandi yabyakiriye ate? Yohana 4:16,17 (ahabanza).**

---

---

---

"Mu kanya gato Yesu ahindura ikiganiro. Mbere yuko uyu muntu yakira iyi mpano yifuzaga guhabwa, agomba kubanza kwerekwa icyaha cye n'Umucunguzi we. Yesu aramubwira ati, "Genda uhamagare umugabo wawe maze ugaruke hano." Umugore aramubwira ati, "Nta mugabo mfite." Uyu mugore yibwiye ko icyo gisubizo gihita gihagarika ibibazo biganisha muri icyo cyerekezo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.187.

**b. Ni gute Yesu yagize icyo yongera ku gisubizo cy'uwo mugore, kandi ibyo bitwibutsa iki ku byerekeranye n'uko azi buri wese muri twe? Yohana 4:17 (ahaheruka),18; Zaburi 139:7,8,11,12.**

---

---

"Ntitwasobanukirwa ugukomera kw'Imana. Umunyezaburi yaravuze ati: "Uwiteka, intebe ye iri mu ijuru" (Zaburi 11:4); ariko kandi kubw'Umwuka We ari ahantu hose. Yita cyane ku byo yaremye kandi abiba hafi." – *Uburezi,* p.132.

"Abamarayika bo mu ijuru basuzuma umurimo ushyirwa mu biganza byacu, kandi ahantu habayeho ukuva mu mahame y'ukuri handikwaho ko "hadashyitse" mu bitabo [byo mu ijuru]." – *Kurera Umwana*, p.155.

"Amategeko y'Imana agera ku byiyumvo no ku mpamvu zitera umuntu kugira ibyo akora, ndetse no ku bikorwa bigaragara. Niyo ahishura ibihishwe byo mu mutima, agatanga umucyo ku bintu byahoze bitabye mu mwijima. Imana izi buri gitekerezo cyose, buri mugambi wose, buri ntego ndetse na buri mpamvu ituma umuntu agira icyo akora. Ibitabo byo mu ijuru handikwamo ibyaha byari kuba byarakozwe iyo haboneka uburyo. Imana izazana buri murimo wose mu rubanza ndetse n'igihishwe cyose. Isuzuma imico ya buri muntu ikoresheje amategeko Yayo. Nk'uko umunyabugeni afata ishusho y'ikintu akayishyira ku rupapuro ari gushushanyaho, niko ishusho y'imico ya buri muntu ishyirwa mu bitabo byo mu ijuru. Imana ifite ishusho itunganye y'imiterere ya buri muntu, kandi iyi shusho iyigereranya n'amategeko Yayo. Imana ihishurira umuntu inenge zangiza ubuzima bwe, maze ikamuhamagarira kwihana no kuva mu byaha." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 5, p.1085.

## 5. YESU YIGARAGAZA NK'UMUKIZA

Kuwa Gatanu
20 Gashyantare

a. Mbese wa mugore wari ku iriba, ku iherezo yaje kumenya iki kuri Yesu? Yohana 4:19. Ese uko kumumenya byari bihagije?

---

---

"Umugore abyumvise ahinda umushyitsi. Ikiganza kidasanzwe cyari gitangiye guhindura impapuro zanditseho amateka y'imibereho ye, ibyo yiringiraga kugumya kugira ibanga akabihisha iteka ryose. Uyu ni nde wabashaga gusoma amabanga y'ubuzima bwe? Muri we hinjiramo ibitekerezo by'ubuzima bw'iteka ryose, iby'urubanza ruzaza, ubwo ibihishwe byose bizashyirwa ku mugaragaro. Mur'uwo mucyo, umutimanama we warakangutse.

"Ntacyo yabashaga guhakana; ariko yirinda kugira icyo avuga kur'icyo kiganiro kitamushimimishije. Mu guha icyubahiro gikomeye uwo bavuganaga, aramubwira ati, "Databuja, menye yuko uri umuhanuzi." Hanyuma, mu kwibwira ko yahindura ibimuvugwaho, ahindurira ikiganiro ku ngingo zivuga iby'imyizerere. Niba koko uyu yari umuhanuzi, yagombaga kumuha umucyo kur'ibi bibazo byari bimuhagaritse umutima igihe kirekire." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.187,188.

b. Igihe uwo mugore yagaragazaga ibyiringiro byo kuza kwa Mesiya, Mbese Yesu yaba yaramubwiye iki? Yohana 4:25,26.

---

---

"Kurarikira abantu kwakira ubutumwa bwiza ntibikwiriye gusuzugurwa no kugezwa ku bantu bake gusa batoranyijwe, abo twibwira ko batazadukoza isoni nibabwemera. Ubutumwa bugomba kugezwa kuri bose. Igihe cyose imitima ikinguriwe kwakira ukuri, Kristo yiteguye kuyigisha. Abahishurira Data, akabahishurira n'uburyo bwo gusenga We yemera, kuko ari We ureba ibyo mu mitima. Ku bameze batyo, ntababwirira mu migani. Bene abo, kimwe na wa musamariyakazi, arababwira ati, "Ni Jye tuvugana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.194.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
21 Gashyantare

1. Kubera iki Yesu atigeze akora igitangaza kubwe ku giti cye?
2. Ni ikihe gikoresho Yesu yifashishije kugirango yerekeze umugore w'Umusamariyakazi ku butumwa bwiza?
3. Ni iki Umwigisha yavuze ku byerekeranye n'amazi y'ubugingo?
4. Kubera iki Yesu yavuze iby'ubuzima bwite bw'umugore w'Umusamariyakazi?
5. Vuga isezerano ryerekeranye no kuza kwa Mesiya.

# Amaturo y'Isabato ya Mbere




## Ku isabato 1 Werurwe 2025

### Azagenerwa Ikigo cy'Uburezi cyitwa "Abana b'imico myiza" cyo muri Romaniya

"Ubusanzwe, uburere abana bahabwa bakiri bato nibwo bugena imico yabo mu buzima bwabo bwose." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 3, p.135.

Ibyanditswe bivuga iby'imibereho itera umwete igihe "Amateraniro y'abana cyangwa ishuri rya Bibiliya ry'incuke ryakoze umurimo mwiza. Inyigisho abana bahigiye bahora bazisubiramo bari iwabo, kandi ababyeyi b'abo bana bagaragaza ko bishimiye iyo gahunda babinyujije mu gusukura abana babo kugirango babohereze muri iryo shuri rya Bibiliya. Abenshi muri abo bana bafite ababyeyi tudasangiye ukwizera." – *Ivugabutumwa*, p.583.

Ikigo cy'Uburezi cyitwa "Abana b'imico myiza" cyashinzwe mu mwaka wa 2019 i Fagaras, umujyi wo mu misozi y'i Romaniya. Abana bari hagati y'imyaka 2 na 5 bakura neza cyane hano. Icyiyongera ku mirimo bahabwa ijyanye n'imyaka y'ubukuru baba bafite, biga inkuru za Bibiliya, gusenga, kuririmba no kugira Imana inshuti yabo. Nubwo bakiri bato, basobanukiwe ko Imana ariyo igenzura ibiriho kandi biga kuyisaba ubufasha mu bibazo byabo. Imico yabo yubakwa umunsi ku wundi. Kubw'ubuntu bw'Imana, dushobora kubona ihinduka ritangaje mu buzima bw'abo bana bato. Mu gihe kiri imbere twifuza kwigisha abadafite amikoro ahagije.

Mu mwaka wa mbere twatangiye dufite abana 12, mu mwaka wa kane twari tumaze kugira abana 32, kandi 31 muri bo baturukaga hanze y'itorero. Ubu ngubu umurimo wo kubarera ukorerwa mu byumba 4 byubatswe na Iniyo ya Romaniya, ariko biragaragara ko byuzuye cyane kuko ubusabe bwo kwiyandikisha burenze ubushobozi bwacu. Ibyo bitugaragariza ko Imana ishaka yuko dukomeza kandi tugateza imbere uwo murimo uhebuje, bityo tukaba dushobora kugera ku bana benshi uko bishoboka kose hamwe n'imiryango yabo. Bityo, mu mwaka wa 2021, twaguze ikibanza hanze y'umujyi maze tubona uruhushya rwari rukenewe kugirango dutangire kubaka. Ubu ngubu urufatiro rwamaze gushyirwaho. Turashimira Imana cyane kuba yarakoze ku mitima yanyu, mwebwe mwateye inkunga umushinga kugeza ubu kandi mukaba muri butangane ubuntu na none. Kubw'impano yawe, uzaha abana batazi Imana amahirwe yo kuyegera no guhabwa uburezi bwa Gikristo. Turabasaba ubugiraneza bwanyu kandi twizeye ko mutari bubure icyo mukora, ahubwo muradufasha kugeza uyu mushinga ku musozo mwiza, kandi mujye mudusengera.

*Bene so na bashiki banyu bo muri Iniyo ya Romaniya*

Ku Isabato, 1 Werurwe 2025

**Icyigisho 9**

# Ivuka ry'Umuvugabutumwa

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Mbese ntimuvuga ngo 'Hasigaye amezi ane isarura rigasohora?' Dore ndababwira, nimwubure amaso murebe imirima yuko imaze kwera ngo isarurwe." (Yohana 4:35).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.182 – 187.

"Yesu yari yatangiye gukuraho urusika rwari hagati y'Abayuda n'Abanyamahanga, no kwigisha iby'agakiza ku batuye isi. Nubwo yari Umuyuda, yasabanaga n'Abasamariya nta nkomyi, agira ngo ateshe agaciro imigenzo y'Abafarisayo bo mu ishyanga Rye." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.193.

**1. UBUZIMA BUSHYA, IBYO NSHYIRA KU MWANYA WA MBERE BISHYA** — Kuwa Mbere 23 Gashyantare

**a. Igihe umugore w'Umusamariyakazi yamenyaga ko Yesu ari Mesiya, mbese ni iki yahise akora ako kanya? Yohana 4:28,29.**

---

---

"Uyu mugore yari yuzuye umunezero ubwo yategeraga amatwi amagambo ya Kristo. Uku guhishurirwa kw'agahebuzo kwaramurenze. Asiga ikibindi cye, asubira mu mudugudu, ashyiriye abandi iyo nkuru. Yesu yamenye impamvu yatumye agenda. Gusiga ikibindi cye byagaragazaga nta gushidikanya icyo amagambo ya Yesu yari amaze gukora muri we. Yifuzaga by'ukuri guhabwa amazi y'ubugingo; maze bimwibagiza icyari cyamuzanye kw'iriba, yibagirwa ko Umukiza afite inyota, kandi ko ari we wagombaga kumuha amazi. Umutima we wuzuye umunezero, yagiye yihuta cyane, ngo ageze ku bandi umucyo yari amaze kwakira." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.191.

**b. Ni iki abaturage b'i Sukara bakoze igihe bumvaga ubuhamya bwa mugenzi wabo? Yohana 4:30.**

---

---

"Amagambo [y'uwo mugore] yakabakabye imitima yabo. Mu maso he hagaragazaga imibereho mishya, uguhinduka kw'imibereho ye yose. Bari bafite ubwuzu bwo kubona Yesu." – Ibid.

## 2. IBISARURWA N'ABASARUZI

Kuwa Kabiri
24 Gashyantare

**a. Igihe Yesu yabonaga abaturage b'i Sukara baza, ni iki yabwiye abigishwa Be? Yohana 4:35 – 38.**

"Arababwira ati, "Umusaruzi ahabwe ibihembo, ateranirize imyaka ubugingo buhoraho ngo umubibyi n'umusaruzi banezeranwe. Kuko iri jambo ari iry'ukuri ngo 'Habiba umwe, hagasarura undi." Aha Kristo yerekanaga umurimo w'agaciro abemeye ubutumwa bwiza bagomba gukorera Imana. Bagomba kuyibera ibikoresho bizima. [Uwiteka] akeneye ko buri muntu ku giti cye agira icyo amukorera. Kandi twaba tubiba cyangwa dusarura, turakorera Imana. Umwe abiba imbuto; undi agasarura; kandi bombi umubibyi n'umusaruzi bagahabwa ibihembo. Bose bakanezezwa n'ingororano y'umurimo wabo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.191,192.

**b. Ni iyihe ngaruka y'ubuhamya uwo mugore yahamije Kristo, kandi ni iki dushobora kwigira ku musaruro byagize? Yohana 4:39.**

"Igihe twunze ubumwe na Kristo, tugira umutima wa Kristo. Gukiranuka n'urukundo bigaragarira mu mico yacu, kugwa neza n'ukuri bigenga imibereho. Mu maso hacu hahinduka ukundi. Kristo uguma mu bugingo akoresha imbaraga ye ihindura, imibereho y'inyuma ikagaragaza amahoro n'ibyishimo biri imbere. Tugotomera urukundo rwa Kristo, nk'uko ishami ritugwa n'ibivuye mu muzabibu. Niba dutewe muri Kristo, iyo dufatanye n'umuzabibu nyakuri, tuzabihamisha kugira amaseri menshi y'imbuto z'ukuri. Nituba dafatanye n'umucyo, tuzaba imiyoboro y'umucyo, kandi mu magambo n'ibikorwa tuzamurikira abatuye isi....

"Ku bwo gutumbira, tugomba guhinduka; kandi igihe dutekereje ku gukiranuka kwa Cyitegererezo wacu wavuye mu ijuru, tuzifuza guhindurwa byimazeyo, ndetse no kugirwa bashya mu ishusho yo gukiranuka Kwe. Mu kwizera Umwana w'Imana ni ho guhinduka kwa kamere kubonekera, n'Umwana wo kugiririrwa umujinya, agahinduka umwana w'Imana. Ava mu rupfu akajya mu bugingo; ahinduka uw'umwuka kandi akarondora iby'Umwuka. Ubwenge bw'Imana bumurikira intekerezo ze maze akabona ibitangaza byo mu mategeko yayo. Igihe umuntu ahinduwe n'ukuri, umurimo wo guhinduka kw'imico urakomeza." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 1, p.337,338.

## 3. IGIHE YESU YARI I SAMARIYA



a. Ni iki Abasamariya basabye Yesu kandi ni ukubera iki? Yohana 4:40.

b. Sobanura umusaruro [wavuye] ku gihe Kristo yamaze i Samariya. Yohana 4:41.

---

---

"Mu magambo yabwiwe wa mugore kw'iriba, imbuto nziza zari zibibwe, kandi umusaruro wabonetse vuba. Abasamariya baraje bategera Yesu amatwi kandi baramwizera. Bamuzengurutse aho kw'iriba, bamuhata ibibazo, kandi n'amatsiko menshi banyurwa n'ibisubizo yabahaye ku byo batari basobanukiwe. Uko bamutegeraga amatwi, ibyari urujijo kuri bo bitangira kuyoyoka. Bari bameze nk'abantu bari mu mwijima ukomeye bagerageza gukurikira umwambi w'umucyo kugeza aho baboneye amanywa. Ariko ntibanyuzwe n'iki kiganiro cy'akanya gato. Bari bafite amatsiko yo kumva ibirenze ibyo bari bamaze kumva, kandi bifuza ko n'inshuti zabo na zo zakwiyumvira uyu mwigisha w'igitangaza. Bamurarikira kuza mu mudugudu wabo, kandi bamusaba kugumana na bo. Amara iminsi ibiri i Samariya, kandi abandi benshi baramwizera." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.192.

"Kristo yahishuriye abigishwa Be Imana mu buryo bwakoze ku mitima yabo umurimo udasanzwe, nk'uko amaze igihe kirekire adusaba kumwemerera kuwukora ku mitima yacu. Hari abantu benshi, kubera ko bibanda ku nyigisho zo mu magambo gusa, bakaba batarigeze babona imbaraga ibeshaho y'urugero rw'Umukiza. Ntibamubona nk'umukozi wicisha bugufi kandi wigomwa. Icyo bakeneye ni uguhanga amaso Yesu. Buri munsi dukeneye guhishurirwa bundi bushya ko ahari." — *Reflecting Christ*, p. 302.

c. Ni iki Abasamariya benshi bavuze nyuma yo kwemera Yesu nka Mesiya? Yohana 4:42.

---

---

"Abafarisayo basuzuguye kwicisha bugufi kwa Yesu. Banze kwemera ibitangaza bye, maze bamusaba ikimenyetso kigaragaza ko ari Umwana w'Imana. Ariko Abasamariya bo nta kimenyetso basabye, kandi Yesu ntiyagize ibitangaza akorera muri bo, uretse guhishura ibihishwe by'imibereho ya wa mugore ku iriba. Nyamara kandi benshi baramwemeye. Muri ibyo byishimo byabo bishya babwira wa mugore bati, "Noneho si amagambo yawe yonyine aduteye kwizera, kuko natwe twiyumviye tukamenya ko uyu ari we Mukiza w'abari mu isi koko." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.192,193.

## 4. IMBARAGA Y'UBUHANUZI

Kuwa Kane
26 Gashyantare

**a. Ni ubuhe buhanuzi Abasamariya bari bashingiyeho ukwizera Mesiya wasezeranywe? Itangiriro 49:10.**

---

"Abasamariya bizeraga ko Mesiya yari kuzaza nk'Umucunguzi, utari uw'Abayuda gusa, ahubwo ari uw'isi yose. Umwuka Wera avugira muri Mose yari yaramuhanuye ko ari umuhanuzi uzakomoka ku Mana. Binyuze muri Yakobo, byari byaravuzwe ko amahanga yose azakoranira kuri we; kandi binyuze muri Aburahamu, ngo muri we amahanga yose yo ku isi ni mo azaherwa umugisha. Kubera ko Abayuda bari barasobanuye nabi iby'umuhanuzi wa nyuma, bitiranya kuza kwa Yesu kwa mbere n'icyubahiro cyo kuza kwe kwa kabiri, byari byarateye Abasamariya kwanga inyandiko zera zose uretse izanditswe na Mose gusa. Ariko ubwo Umukiza yari amaze gukuraho ubwo busobanuro bw'ibinyoma, benshi bemeye iby'ubuhanuzi bwa nyuma ndetse n'amagambo ya Kristo ubwe avuga iby'Ubwami bw'Imana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.193.

**b. Ni iki muri iki gihe dushobora kwigira ku kuba Abasamariya barakinguriye ukuri mu buryo butangaje? Umubwiriza 11:4,5.**

---

---

"Ku isi yose abagabo n'abagore bahanze amaso ijuru. Amasengesho, amarira no kwinginga birazamuka bikajya mu ijuru biturutse mu mitima yifuza umucyo, ubuntu n'Umwuka Wera. Abantu benshi bari ku rugabano rw'ubwami bw'Imana bategereje gusa kwinjizwa." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.109.

**c. Mbese abantu bahinduka iki iyo bakiriye Kristo by'ukuri? Tanga ingero. Mariko 5:18 – 20; 7:31 – 37.**

---

---

---

"Umwuka [wa Kristo] akuza mu muntu ibintu byose biboneza imico kandi bikubahisha kamere. Azatunganyiriza umuntu kubahisha Imana mu mubiri, mu bugingo no mu mwuka.... Kandi binyuze mu mbaraga za Kristo, abantu Satani yasigingije akabagira ibikoresho bye bakomeza guhindurirwa kuba intumwa zitwaye ubutumwa bwo gukiranuka, maze Umwana w'Imana akabatuma kujya kuvuga "ibyo Imana igukoreye byose n'uko ikubabariye." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.341.

## 5. ABAVUGABUTUMWA B'ABAKRISTO

Kuwa Gatanu
27 Gashyantare

a. Ni ibihe byigisho twakwigira ku mugore w'Umusamariyakazi? 1Yohana 1:1 – 3; 2Abakorinto 5:14 (ahabanza).

"Akimara kubona Umukiza, Umusamariyakazi yahamagariye abandi na bo kumusanga. Yagaragaye nk'intumwa y'ingirakamaro kuruta abigishwa be. Abigishwa ntacyo babonaga i Samariya cyerekana ko ari umurima utanga icyizere. Ibitekerezo byabo byari bihambiriye ku murimo ukomeye wari kuzakorwa mu bihe bizaza. Ntabwo babonaga ko hafi yabo hari umusaruro ukwiriye gusarurwa. Ariko binyuze mu mugore basuzuguraga, umudugudu wose uza kumva Umukiza. Yahise ashyira bene wabo umucyo.

"Uyu mugore agaragaza imikorere ishyira mu bikorwa kwizera dufite muri Kristo. Buri mwigishwa nyakuri avukira mu bwami bw'Imana ari umubwirizabutumwa. Unywa ku mazi y'ubugingo ahinduka isōko y'ubugingo. Uwakiriye agahinduka utanga. Ubuntu bwa Kristo buri mu muntu ni nk'isōko iri mu butayu, idudubiriza guhaza bose, kandi ituma abari bagiye kurimbuka bifuza kunywa ku mazi y'ubugingo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.195.

b. Ni gute ubwo bunararibonye bwadutera imbaraga muri iki gihe? Umubwiriza 11:6.

"Si ngombwa ko tujya mu bihugu by'amahanga kugirango tube abavugabutumwa b'Imana. Aho turi hose hari "imirima yeze igeze igihe cyo gusarurwa" kandi umuntu wese ubishaka ashobora gusarura "imbuto zikwiriye ubugingo buhoraho." Imana iri guhamagara abantu benshi b'i Battle Creek bari gupfa bazize ubute bw'iby'umwuka kugirango bajye aho umurimo wabo ukenewe bakorere Imana. Muve i Battle Creek, nubwo byaba bisaba ko mwigomwa amafaranga. Mujye ahantu runaka kugirango mubere abandi umugisha. Mujye aho mushobora gukomeza amatorero adafite imbaraga. Nimukoreshe imbaraga Imana yabahaye." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.187.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
28 Gashyantare

1. Ni iki uwo mugore yakoze igihe yabonaga ko Yesu ari we Mukiza wenyine?
2. Tanga ubusobanuro bwo kuba "imirima yeze ikaba ikeneye gusarurwa."
3. Mbese Yesu yamaranye n'Abasamariya iminsi ingahe?
4. Ni ubuhe buhamya Abasamariya batanze kuri Yesu?
5. Mbese bigenda bite iyo abantu bakiriye Yesu mu bugingo bwabo?

Ku Isabato, 8 Werurwe 2025

**Icyigisho 10**

# Yesu n'Umwana w'umutware

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Nuko Ibasha gukora ibiruta cyane ibyo dusaba, ndetse n'ibyo twibwira byose nk'uko imbaraga zayo ziri zidukoreramo, icyubahiro kibe icyayo mu Itorero no muri Kristo Yesu, kugeza iteka ryose ry'ibihe bidashira, Amen." (Abefeso 3:20,21).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero,* vol 9, p.107,108, 164 – 166.

"Ntitugomba kwizera tubitewe n'uko twabonye cyangwa twumvise ko Imana itwumva. Tugomba kwiringira amasezerano yayo. Iyo tuyisanze twizeye, ibyo dusaba byose bigera ku mutima w'Imana. Iyo dusabye imigisha yayo, tugomba no kwizera ko tuyihawe, kandi tukayishimira ko twamaze kuyihabwa. Maze ahasigaye tukajya mu mirimo yacu, twiringiye ko imigisha tuzayihabwa igihe tuyikeneye cyane." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.200.

## 1. KWIREHEREZAHO IBITEKEREZO [BY'ABANTU]

Kuwa Gatandatu
02 Werurwe

a. Nyuma yo kumara iminsi ibiri ari kumwe n'Abasamariya, ni hehe Yesu yagiye, kandi ni nde wakuruwe n'aya makuru? Yohana 4:43 – 46.

"Inkuru yuko Yesu yagarutse i Kana bidatinze ikwira i Galilaya, izanira ibyiringiro ababababaye n'abashavuye. I Kaperinawumu iyi nkuru yashishikaje umunyacyubahiro wo mu Bayuda wari umutware mukuru w'imirimo y'ibwami." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.196.

b. Ni ukubera iki umutware yagiye kureba Yesu? Yohana 4:47.

"Umwana we w'umuhungu yari arwaye indwara igaragara ko itazakira. Abaganga bari baramukuyeho amaboko ashigaje gupfa; ariko ubwo se yumvaga ibya Yesu, yiyemeje kumusanga ngo amutabaze." – *Ibid.*, p.197.

## 2. KUGARAGAZA UGUSHIDIKANYA

**a. Sobanura uburyo Kristo yahishuye ububabare bw'imbere mu mutima w'umutware w'i Kaperinawumu washakaga ko akiza umuhungu we. Yohana 4:48.**

---

---

"Umwana yari ameze nabi cyane, kandi, nta byiringiro bari bagifite yuko agaruka agasanga akiri muzima; nyamara uyu mutware yumvaga ko ari we ubwe ukwiriye kubyibwirira Yesu. Yizeraga ko gusaba kw'umubyeyi kubasha kubyutsa impuhwe z'uwo Muganga Ukomeye.

"Ageze i Kana ahasanga abantu benshi bazengurutse Yesu. Hamwe n'umutima wuzuye amatsiko, yagiye ahatana ngo agere aho Umukiza yari ari. Ibyiringiro bye bisa n'ibiyoyotse ubwo yabonaga umuntu wambaye bisanzwe, wuzuye umukungugu ananijwe n'urugendo. Ashidikanya niba uyu muntu abasha kumukorera icyo yari yaje kumusaba; ariko abasha kugirana ikiganiro na Yesu, amubwira ikimugenza, maze asaba Umukiza ko bajyana iwe mu rugo. Ariko Yesu yari yamaze kumenya agahinda ke. Mbere y'uko uyu mutware ahaguruka iwe, Umucunguzi yari yabonye umubabaro we.

"Ariko Yesu yari yamenye ko uyu mubyeyi, mu bitekerezo bye, yari yamaze gushyiraho impamvu ziri butume yemera Yesu. Iyo ikintu yasabaga kidasubizwa, ntiyari kwemera Kristo nka Mesiya....

"Atitaye ku bihamya byose byerekana ko Yesu ari we Kristo, uyu wasabaga yari yiyemeje gushyiraho ikigombero gituma amwizera bitewe n'uko abonye ko icyifuzo cye gisubijwe." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.197,198.

**b. Mu gihe twaba dushukishijwe gushaka ibimenyetso runaka, ni iki tugomba kwibuka? Matayo 12:38,39.**

---

---

"Kristo yababazwaga n'uko abantu be, abari barashinzwe Ibyanditswe Byera, bananirwa kumva ijwi ry'Imana rivugana na bo rinyuze mu Mwana wayo." – *Ibid.*, p.198.

"Nk'uko byari bimeze mu gihe cya Yesu, abantu barashaka ikimenyetso. Icyo gihe Umwami Yesu yababwiye ko nta kimenyetso bazahabwa. Ikimenyetso kigomba kugaragara ubu ndetse n'igihe cyose ni ibyo Umwuka Wera yakorera mu ntekerezo z'umwigisha, agatuma Ijambo ry'Imana ryemerwa kandi rikubahwa. Ntabwo Ijambo ry'Imana ari inyigisho ipfuye cyangwa y'urwenya, ahubwo ni umwuka n'ubugingo. Nta kintu Satani yishimira nko gukura intekerezo z'abantu ku Ijambo ry'Imana, akabatera gushakisha no kwitega ikintu kiri hanze y'Ijambo ry'Imana." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 2, p.95.

## 3. IMYIFATIRE INYURANYE

Kuwa Gatatu
04 Werurwe

**a. Sobanura itandukaniro riri hagati y'Abayuda n'Abasamariya ku byerekeranye no kwizera Yesu. Mariko 6:2 – 6; Yohana 4:40 – 42.**

---

"Mbega ukuntu Abafarisayo bashakaga kwerekana ko Kristo ari umubeshyi! Mbega ukuntu bamutegeraga ku ijambo ryose yavugaga bashaka kugoreka amagambo ye yose! Ubwibone, urwikekwe no kwangana urunuka, byafunze inzira yose umuntu yashoboraga kunyuramo kugira ngo yakire ubuhamya bw'Umwana w'Imana. Ubwo yamaganaga ibicumuro byabo yeruye kandi avuga ko ibikorwa byabo bihamya ko ari abana ba Satani, basubizanyije uburakari bavuga bati: "Mbese n'ubundi ntituvuga ko uri umusamariya kandi ko ufite dayimoni?" – *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 1, p.70.

"Umukiza yerekanye ko bene iyi misabire idafite kwizera inyuranye no kwizera kw'Abasamariya, bo ntibigeze basaba igitangaza cyangwa ikimenyetso. Ijambo rye, ari ryo gihamya gihoraho cyerekana Ubumana bwe, ryari rifite imbaraga igera ku mitima yabo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.198.

"Nubwo [Yesu] yari Umuyuda, yasabanaga n'Abasamariya ntacyo yishisha maze ahindura ubusa imigenzo ya Gifarisayo y'Abayuda yerekeranye n'ubu bwoko bw'insuzugurwa. Yararaga mu mazu y'Abasamariya, bagasangira kandi akigishiriza mu mihanda yabo." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.19.

**b. Sobanura ibyabaye ku bantu benshi bavuga ukuri kw'iki gihe bakakubwira abavuga ko ari ubwoko bw'Imana mu bihe byose. Yeremiya 20:8 – 11.**

---

"Ibyo bavugaga byose barwanya Kristo byari bishingiye ku binyoma. Uko ni nako byagendekeye Sitefano na Pawulo. Nyamara amagambo mabi cyane kandi adafite ishingiro yavuzwe n'uruhande ruri mu binyoma yagize imbaraga kubera ko hari hariho abantu benshi bari bafite imitima itejejwe bifuzaga ko ibyo byavugwaga byaba ukuri. Bene abo igihe cyose bashishikarira kwibanda ku gakosa no kwibeshya uko ari ko kose gushobora kuboneka ku bababwira ukuri kutabashimishije.

"Ntibikwiriye kudutangaza igihe ubuyobe bufashwe nk'amahame y'ukuri n'abantu bafite irari ry'ibinyoma. Abarwanyaga Kristo bagiye kenshi barwanywa kandi bagacecekeshwa n'ubwenge bwarangagaga amagambo ye. Nyamara bakomezaga gutega amatwi impuha zose babishishikariye, kandi bagashakisha impamvu runaka zo kumubaza ibibazo bimurwanya." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 1, p.70,71.

## 4. GUSABA WICISHIJE BUGUFI



a. Igihe ukwizera k'uwo mutware kwagundiraga Kristo, ni gute yinginze ahendahenda? Yohana 4:49.

---

---

"Amagambo Umukiza yabwiye uwo mutware yabaye nk'umurabyo w'urumuri, wagaragaje ibyari mu mutima we. Yabonye ko uburyo ashakamo Yesu bwuzuye inarijye. Asobanukirwa neza no kwizera kwe guhindagurika. Mu gahinda gakomeye, yumva ko gushidikanya kwe kubasha gutuma abura ubugingo bw'umwana we. Amenya ko ari imbere y'ubasha kurondora intekerezo, kandi ushobora byose. Mu maganya yo kwinginga, yatatse agira ati, "Databuja, manuka akana kanjye katarapfa." Yohana 4:49. Yari afite kwizera Kristo nk'uko Yakobo yari afite ubwo yakiranaga na Marayika, avuga ati "Sinkurekura utampaye umugisha" Itangiriro 32:26." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.198.

b. Ni iki twakwigira ku cyo Yesu yakoze mu cyimbo cyo kujya mu rugo rw'umutware? Yohana 4:50.

---

"Yesu yari afite impano irushijeho gukomera yagombaga gutanga. Ntiyifuzaga gukiza uyu mwana gusa, ahubwo yashakaga ko uyu mutware ndetse n'ab'inzu ye bose babona umugisha w'agakiza, kandi ngo bakongeze urumuri i Kaperinawumu, ahantu hari hagiye kuba urubuga rw'umurimo we. Ariko uyu mutware agomba kubanza kumenya ubukene bwe mbere yuko yifuza ubuntu bwa Kristo. Uyu mutware yari ameze nka benshi bo mu gihugu cye. Bifuzaga Yesu kubwo inyungu zabo gusa. Bari bafite ibyiringiro by'uko babasha guhabwa imigisha idasanzwe binyuze mu mbaraga Ze maze icyizere cyabo bakacyerekeza ku guhabwa iby'akanya gato; nyamara batazi indwara zabo mu by'umwuka, ndetse batazi ko bakeneye ubuntu bw'Imana....

"Umukiza ntabasha gutererana ubugingo bw'umugundiriye, asaba icyo akeneye cyane. Aramubwira ati: "Genda umwana wawe ni muzima." Uwo mutware ava imbere ya Yesu afite amahoro n'umunezero atigeze agira mu buzima bwe. Ntiyemeye gusa ko umuhungu we ari bukire, ahubwo mu kwizera gukomeye yizeye Kristo nk'Umucunguzi." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.198,199.

"Twese twifuza ibisubizo by'amasengesho yacu by'ako kanya ndetse bitaziguye, kandi tugwa mu kigeragezo cyo gucika intege igihe igisubizo gitinze cyangwa kikaza mu buryo tutari tucyiteze. Ariko Imana izi byose kandi ihora isubiza amasengesho yacu neza, ku gihe kandi mu buryo tubyifuza. Izadukorera byinshi kandi byiza, birenze gusohoza ibyo twifuza byose.... Ibyo tunyuramo bigerageza ukwizera kwacu bidufitiye akamaro." – *Umurimo wo Gukiza*, p.230,231.

## 5. AGAKIZA NO KUVURA INDWARA

Kuwa Gatanu
06 Werurwe

**a. Ni mu buhe buryo Yesu yakijije umwana w'umutware? Yohana 4:51-53. Mbese ibi bitwibutsa ukuhe kuri? Abefeso 3:20,21.**

---

"Kuri wa mwanya nyine uwo mubyeyi yakiraga kubwo kwizera isezerano ngo, "Umwana wawe ni muzima," imbaraga y'urukundo mvajuru nibwo yakoze kuri wa mwana wari ugiye gupfa." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.199.

"Kuri iyo saha abari iruhande rwa wa mwana wasambaga mu rugo i Kaperinawumu, bahise babona uguhinduka kudasanzwe kandi kw'amayobera. Igicucu cy'urupfu cyahise kimuvaho. Ubuganga busimburwa n'agahenge k'ubuzima. Amaso yari ahondobereye atangira kurebana ubwenge, maze ubugingo bwe busubizwamo imbaraga. Nta bimenyetso by'indwara byongeye kugaragara kuri uwo mwana. Umubiri we wari ufite umuriro mwinshi utangira koroherwa no kugira amafu, maze atwarwa n'ibitotsi. Umuriro w'ubuganga wamuvuyemo igihe hari ubushyuhe bukaze bw'amanywa. Abo mu muryango baratangara, kandi baranezerwa cyane." – Ibid.

**b. Ni gute Yesu asubiza umuntu uwo ariwe wese umusaba ubufasha? Matayo 11:28 – 30.**

---

"Umukiza ntashobora gutererana ubugingo bw'umugundiriye, asaba icyo akeneye cyane." – *Ibid.*, p.198.

"Mbese utekereza ko udashobora kugira ibyiringiro byo guhabwa umugisha uturutse ku Mana, ngo ni uko uri umunyabyaha? Wibuke yuko Kristo yaje mu isi azanywe no gukiza abanyabyaha. Nta kintu na kimwe dufite cyatuma twemerwa n'Imana, ubutabazi dushobora gusaba ubu n'iteka ryose ni imimerere itagira gifasha, ituma imbaraga ya Kristo yo gucungura iba ngombwa. Mu gihe tuzinutswe ukwitegaho amakiriro kose, dushobora gutumbira umusaraba w'i Kaluvari, maze tukavuga tuti:

" 'Mu ntoki zanjye nta kintu cy'agaciro nzanye, nikubise ku musaraba wawe gusa.' " – *Umurimo wo Gukiza*, p.65.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
07 Werurwe

1. Ni ukubera iki muri rusange abahanuzi batajyaga bemerwa mu bihugu by'iwabo?
2. Ni ayahe magambo yavuzwe n'uwo mutware yagaragazaga ko atari afite ukwizera?
3. Ni gute Kristo yabyakiriye igihe yabonaga ukutizera kw'abantu?
4. Ni nde wagaragaje ukwizera Yesu gukomeye, ese baba ari Abayuda cyangwa ni abanyamahanga?
5. Ni iki Yesu asezeranira abantu bose bemera irarika Rye?

Ku Isabato, 15 Werurwe 2025

**Icyigisho 11**

# Yesu n'Ikirema cy'i Betesida

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Ariko arabasubiza ati: Data arakora kugeza ubu, nanjye ndakora." (Yohana 5:17).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero*, vol 1, p.560 – 567.

"Igikorwa Kristo yakoze cyo gukiza umuntu urwaye gihuje rwose n'amategeko. Cyubahirizaga Isabato." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.207.

## 1. AMAZI AKIZA

Kuwa Mbere
09 Werurwe

a. Ni iyihe mpamvu yatumaga abantu benshi bamugaye bajya i Yerusalemu? Yohana 5:2,3.

b. Ni iyihe myizerere abantu bari bafite ku kidendezi cy'i Betesida? Yohana 5:4.

"Mu bihe bimwe na bimwe amazi y'icyo kidendezi yajyaga yibirindura kandi, muri rusange, abantu bizeraga ko ibyo biterwa n'imbaraga ndengakamere, ndetse ko nyuma yo kwihinduriza kw'ikidendezi uwo ari we wese watangagamo abandi yakiraga uburwayi ubwo ari bwo bwose yabaga afite. Imbabare amagana n'amagana zazaga aho hantu, nyamara bari imbaga nini cyane ku buryo, iyo amazi yibirinduraga, bihutiraga kujya imbere baribata abo basumbya intege b'abagabo, abagore ndetse n'abana. Benshi ntibashoboraga kwegera icyo kidendezi. Benshi mu bari barashoboye kukigeraho bapfiraga ku nkombe zacyo. Hafi aho hari harubatswe ubwugamo kugira ngo abarwayi bugame icyokere cyo ku manywa n'imbeho ya nijoro. Hariho abararaga kuri ayo mabaraza, bagaragurikira ku nkengero z'icyo kidendezi uko umunsi uhaye uwundi, badafite ibyiringiro byo gukira." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.201.

c. Ni gute ikiganiro Yesu yagiranye n'umuntu umwe wari ku kidendezi cy'amazi cyatangiye? Yohana 5:5 – 7.

## 2. UBWOKO BUNYURANYE BW'UBUMUGA



**a. Ni uwuhe murimo Yesu yahaye umuntu wamugaye utari gushoboka mu mbaraga za kimuntu, kandi ibyo byatanze uwuhe musaruro? Yohana 5:8,9 (ahabanza).**

---

"Ntabwo Yesu yigeze asaba iyi mbabare kumwizera. Yaravuze gusa ati, "Byuka wikorere uburiri bwawe ugende." Nyamara kwizera k'uyu mugabo kwagundiriye iryo jambo. Ubuzima bushyashya bwanyeganyeje buri rugingo na buri mutsi, maze mu maguru ye yari yarahinamiranye hazamo umurego w'ubuzima bwiza. Atiriwe ashidikanya, yagize ubushake bwo kumvira itegeko rya Kristo maze imitsi ye yose yikiriza ubwo bushake. Mu gusimbagurikira ku birenge bye, yisanze yabaye umunyambaraga.

"Nta cyizere Yesu yari yigeze amuha cy'uko Imana iri bumufashe. Uwo muntu byari kumushobokera gushidikanya maze akaba atakaje amahirwe rukumbi yari abonye yo gukira. Ahubwo yizeye ijambo Kristo amubwiye, maze abonera imbaraga mu kurikurikiza." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.202,203.

**b. Ni iyihe mimerere yo mu buryo bw'umwuka abantu batandukanyijwe na Kristo bibonamo ubwabo? Yesaya 1:5,6; Abaroma 7:24.**

---

"Icyaha cyadutandukanyije n'ubugingo bw'Imana. Ubugingo bwacu bwaguye ikinya. Twebwe ubwacu nta bushobozi dufite bwo kubaho imibereho itunganye burengeje ubwo icyo kirema cyari gifite bwo kwigenza. Hariho benshi bazi uburyo batishoboye kandi bifuza imibereho y'iby'umwuka yo gutuma bahuza n'Imana; barushywa n'ubusa bahatanira kuyigeraho." – *Ibid.*, p.203.

**c. Umuti umwe rukumbi w'iyo mimerere ni uwuhe? Ibyakozwe n'Intumwa 9:34.**

---

"Umukiza yubitse umutwe areba uwo yaguze amaraso Ye akamubwirana ineza n'impuhwe bitarondoreka agira ati, "Mbese urashaka gukira?" Aragutegeka ngo uhaguruke ufite ubuzima buzira umuze n'amahoro. Ntutegereze kwiyumvamo ko wakize. Izere ijambo Rye, ibyo birasohora. Shyira ubushake bwawe muri Kristo. Gira ubushake bwo kumukorera kandi uzabonera imbaraga mu gushaka gukurikiza ijambo Rye. Uko ingeso mbi yaba iri kose, ibyifuzo bibi biboha ubugingo n'umubiri kubera gusayisha, Kristo ashoboye kandi arashaka kubikubohora. Ubugingo "bwapfuye buzize ibicumuro n'ibyaha" azabuha kubaho. Abefeso 2:1. Azaha umudendezo imbohe yazahajwe n'intege nke, ibyago n'iminyururu y'icyaha." – Ibid.

# 3. KUGENDERA MU BUGINGO BUSHYA

Kuwa Gatatu
11 Werurwe

## a. Ni gute Kristo adufasha kunesha? Abefeso 2:1 – 6.

“Muri kamere ye, umuntu ahengamiye mu gukurikiza ibyongorero bya Satani, kandi ntashobora gutsinda rwose umwanzi gica, keretse gusa Kristo, Umuneshi ukomeye atuye muri uwo muntu, akayobora ibyifuzo bye kandi akamuha imbaraga..... Satani arusha abantu b’Imana kumenya ububasha bamugiraho igihe imbaraga zabo ziri muri Kristo. Igihe bicishije bugufi bakinginga Umuneshi w’umunyambaraga ngo abafashe, uwizera ukuri woroheje hanyuma y’abandi nyamara akishingikiriza kuri Kristo ashikamye, ashobora rwose gusubiza inyuma Satani n’ingabo ze zose.” – *Ibihamya by’Itorero*, vol 1, p.341.

“Dukwiriye kwigira kuri Kristo. Dukwiriye kumenya icyo abereye cyo abo yacunguye. Dukwiriye kumenya ko binyuze mu kumwizera, ari amahirwe yacu kuba abasangiye na we kamere y’Imana; bityo tugahunga ukononekara kwazanywe mu isi no kwifuza. Ubwo nibwo twezwaho icyaha cyose, n’inenge zose z’imico. Ntidukwiriye kugumana icyifuzo na kimwe kibogamira ku cyaha....

“Uko tugenda tugira kamere y’Imana, niko ibyifuzo twavukanye cyangwa twimenyereje nyuma bibogamira ku kibi bigenda bikurwa mu mico yacu, maze tukaba imbaraga nzima ituma dukora ibyiza. Mu guhora twigira ku Mwigisha Mvajuru, buri munsi tugasangira kamere Ye, dufatanya n’Imana mu gutsinda ibishuko bya Satani. Imana irakora n’umuntu agakora, kugirango umuntu ashobore kuba umwe na Kristo nkuko Kristo ari umwe n’Imana. Noneho tukicarana na Kristo mu ijuru. Umutima ugira amahoro n’ubwishingizi muri Yesu.” – *Urwibutso n’Integuza*, kuwa 24 Mata 1900.

## b. Sobanura amahoro atangwa n’imbaraga zituruka kuri Kristo. Abaroma 8:3 – 6.

“Umwana wese abaho imibereho isa n’iya se. Niba muri abana b’Imana, babyawe n’Umwuka wayo, mubaho imibereho y’Imana.... kandi ubugingo bwa Yesu “bugaragarira mu mibiri yacu ipfa” (2 Abakorinto 4:11). Ubwo bugingo nibubabamo buzabatera kugira imirimo nk’iyo bwateye Yesu. Nibwo muzashobora gukora ibihuje n’amategeko ye, kuko „amategeko y’Uwiteka atunganye rwose, asubiza intege mu bugingo.” (Zaburi 19:7). Ku bw’urukundo, ‘gukiranuka kw’amtegeko kuzasohorezwa muri twe, abadakurikiza ibya kamere y’umubiri, ahubwo bakurikiza iby’Umwuka.’ Abaroma 8:4.” – *Ibitekerezo byo ku Musozi w’Umugisha*, p.78.

## 4. UMUJINYA W'ABAFARISAYO

Kuwa Kane
12 Werurwe

**a. Kubera iki Abafarisayo barakaye, bakirengagiza umugisha wahawe uriya muntu wari waramugaye? Yohana 5:9 (ahaheruka),10.**

---

"Uwo [nguwo wamugaye wari wakijijwe] igihe yihutaga atera intambwe ikomeye kandi yemye, agenda ahimbaza Imana kandi yishimiye imbaraga yari abonye, yahuye na benshi mu Bafarisayo ahita ababwira uko yakize. Yatangajwe n'ukuntu bakiranye umwaga ibyo ababwiye.

"Bahise bamukankamira maze bamuca mu ijambo, bamubaza impamvu yikoreye uburiri bwe ku munsi w'Isabato. Bamwibukije bafite ubukana ko amategeko atemera ko umuntu yikorera umutwaro ku munsi w'Uwiteka. Kubera umunezero, uwo muntu yari yibagiwe ko ari ku Isabato, nyamara kandi yumvaga nta teka aciriweho kuba yumviye itegeko ry'Uwari afite ububasha buturutse ku Mana. Yabashubije ashize amanga ati, "Uwankijije ni we wambwiye ati 'Ikorere uburiri bwawe ugende.' " Bamubajije uwakoze ibyo ariko ananirwa kumuvuga. Abo bategetsi bari bazi ko Umuntu Umwe ari we wenyine wigaragaje nk'ufite ububasha bwo gukora icyo gitangaza; ariko bifuzaga igihamya cyahuranyije cy'uko ari Yesu wabikoze, kugira ngo babone uko bamucira urubanza nk'uwishe Isabato. Mu myumvire yabo, ntabwo yari yishe itegeko gusa akiza umurwayi ku Isabato, ahubwo yari yanakoze ikizira gikomeye amutegeka kwikorera uburiri bwe." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.203,204.

**b. Mbese Isabato Abayuda bari barayigize bate? Matayo 23:4.**

---

"Abayuda bari barasobanuye amategeko nabi cyane ku buryo yari yarahindutse umutwaro w'ububata. Ibintu bidasobanutse byasabwagwa n'ayo mategeko byari byarahindutse iciro ry'imigani mu yandi mahanga. By'umwihariko, Isabato bari barayizengurukije amabwiriza ashoboka yose atagize icyo amaze. Kuri bo, ntabwo wari umunsi w'umunezero, umunsi weguriwe Uwiteka, n'umunsi wo kubahwa. Abanditsi n'Abafarisayo bari baratumye kuyubahiriza bihinduka umutwaro utihanganirwa. Umuyuda ntiyari yemerewe gucana umuriro cyangwa ngo anakongeze itara ku Isabato. Ingaruka yabyo yabaye iy'uko basabaga Abanyamahanga kubakorera ibintu byinshi amategeko yabo yababuzaga kwikorera. Ntibigeze batekereza ko niba ibyo bikorwa byari ibyaha, ababikoresheje abandi bagomba kubiryozwa kimwe n'iyo baba babyikoreye ubwabo. Bibwiraga ko agakiza kagenewe gusa Abayuda, ndetse ko imibereho y'abandi bantu bose n'ubundi isanzwe ibuze ibyiringiro, idateze gusubira irudubi kurenza uko yari isanzwe. Nyamara Imana ntiyatanze amategeko adashobora kumvirwa n'abantu bose. Ntabwo amategeko yayo ashyigikira imipaka idashyize mu gaciro kandi ishingiye ku kwikunda." – *Ibid.,* p.204.

## 5. ISABATO N'UMUGAMBI WAYO

Kuwa Gatanu
13 Werurwe

a. Ni mu buhe buryo Yesu yari afitanye isano n'amategeko y'Imana ndetse n'Isabato? Yesaya 42:21.

---

---

"Yesu yari yaraje "kogeza amategeko no kuyubahiriza." Ntabwo yagombaga gutubya icyubahiro cyayo, ahubwo yagombaga kucyerereza.... Yari yaje kubohora Isabato ku mabwiriza aremereye yari yaratumye ihinduka umuvumo mu cyimbo cyo kuba umugisha." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.206.

b. Ni iki umuntu agomba gukora n'icyo atagomba gukora ku Isabato? Kuva 20:8 – 11.

---

---

"Mu ndembe zari aho ku kidendezi [Kristo] yatoranyije uwari ubabaye kurusha abandi kugira ngo abe ari we agaragarizaho ububasha Bwe bwo gukiza indwara, kandi yamutegetse kwikorera uburiri bwe akanyura mu murwa wose kugira ngo ashyire ahabona ikintu gikomeye yari yakorewe. Ibi byari kubyutsa ikibazo cyo kumenya ikintu amategeko yemera ko gikorwa ku Isabato, kandi byari kumuha uburyo bwo kubeshyuza amabwiriza y'Abayuda yerekeranye n'umunsi w'Uwiteka no gutangaza ko imigenzo yabo ntacyo imaze.

"Yesu yababwiye ko igikorwa cyo gukiza imbabare cyari gihuje n'itegeko ry'Isabato. Cyari gihuje n'umurimo w'abamarayika b'Imana bahora banyuranamo hagati y'ijuru n'isi bakorera inyokomuntu ibabaye.....

"Umuntu na we kandi afite umurimo agomba gukora kuri uwo munsi. Ibyangombwa bikenewe mu buzima bigomba gukorwa, abarwayi bagomba kwitabwaho, abakene bagomba guhabwa ubufasha bakeneye. Umuntu wese ukerensa gukiza imbabare ku Isabato azafatwa nk'uriho urubanza. Umunsi wera w'Imana w'ikiruhuko washyiriweho umuntu, kandi ibikorwa by'impuhwe bihuje rwose n'icyo washyiriweho. Imana ntiyifuza ko ibiremwa byayo bibabazwa n'intimba y'akanya gato ishobora kuvurwa ku Isabato cyangwa ku wundi munsi uwo ari wo wose." – *Ibid.*, p.206,207.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
14 Werurwe

1. Ni iyihe myizerere yari iganje mu bantu ku kidendezi cy'i Betesida?
2. Ni ikihe kibazo cyihariye cyakuruye ibitekerezo bya Kristo?
3. Ni gute dushobora gukira ubumuga bwacu bw'iby'umwuka?
4. Ni iki cyarakaje cyane Abayuda ku byerekeranye no gukira mu buryo bw'igitangaza?
5. Ni ibihe bikorwa bihuje n'itegeko ry'Isabato?

Ku Isabato, 22 Werurwe 2025

**Icyigisho 12**

# Ubutware bw'Umwana

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Kuko nk'uko Data afite ubugingo muri we, ni ko yabuhaye Umwana ngo abugire na we. Kandi yamuhaye ubutware bwo guca amateka, kuko ari Umwana w'umuntu." (Yohana 5:26,27).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.123 – 129.

"[Yesu] yaravuze ati, ubushobozi bwanjye bwo gukora imirimo munshinja mbuterwa n'uko ndi Umwana w'Imana, nkaba ndi umwe na Yo muri kamere, mu bushake, no mu migambi. Mfatanya n'Imana mu bikorwa byayo byose byo kurema ndetse no kugira neza." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.208.

## 1. GUHWANA N'IMANA

Kuwa Mbere
16 Werurwe

a. Uretse kuba yarakijije uwari waramugaye ku Isabato, ni iyihe mpamvu yindi yatumye Abayuda banga Yesu? Yohana 5:17,18.

---

---

"Yesu yavuze ko anganya n'Imana uburenganzira.....

"Ishyanga ry'Abayuda ryose ryitaga Imana Se, nicyo gituma batagombaga kurakara bene ako kageni niba Kristo yari avuze ko afitanye iyo sano n'Imana. Ahubwo bamushinjaga kwigereranya n'Imana, bigaragaza yuko bumvaga asa n'aho yisumbukuruje mu byo avuze." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.207,208.

b. Ni gute Kristo yashyigikiye ko amategeko y'Imana aruta imigenzo y'abantu? Matayo 15:1 – 9, 13.

---

---

"Ntabwo abo banzi ba Kristo bari bafite ibisobanuro byo guhangana n'ukuri yigishaga imitimanama yabo. Bavugaga gusa ibyanditswe mu mihango n'imigenzo yabo, kandi ibi byasaga nk'aho nta mbaraga bifite kandi bitanejeje ubigereranyije n'ingingo Yesu yakuraga mu Ijambo ry'Imana ndetse no muri gahunda itajya ihagarara y'ibyaremwe." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.208.

## 2. UBUMWE NA SE

a. Ni gute Yesu yasobanuye isano afitanye na Se? Yohana 5:19,20.

b. Ni ubuhe butware n'imbaraga bifitwe na Data wa twese, na none Kristo akaba yaravuze ko na we abifite? Yohana 5:21 – 23.

"Abatambyi n'abayobozi b'Abayuda bari barigize abacamanza bo gucira umurimo wa Kristo ho iteka, ariko We ubwe yivugiye ko ari umucamanza wabo akaba n'umucamanza w'isi yose. Isi yeguriwe Kristo kandi, binyuze muri We, imigisha yose iva ku Mana yagejejwe ku nyokomuntu yaguye. Yari Umucunguzi mbere ndetse na nyuma yo guhinduka umuntu Kwe. Icyaha kikibaho, Umucunguzi yari ariho. Yahaye abantu bose umucyo n'ubugingo, kandi buri wese azacirwa urubanza hakurikijwe uko umucyo yahawe ungana. Kandi rero, uwatanze umucyo, Uwaje gushaka ubugingo bw'umuntu yingingana ibambe ryinshi ashaka kubuvana mu cyaha ngo abugeze mu butungane, ni we Muvugizi ndetse akaba n'Umucamanza wabwo icyarimwe." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.210.

c. Sobanura impinduka ibaho mu myifatire iyo dusobanukiwe ko Kristo ariwe mucamanza wacu. Abaroma 2:1 – 3; Matayo 7:1.

"Umuntu uha intebe umwuka wo kujōra abandi afite icyaha gikomeye kiruta icy'uwo arega, kuko adakora icyaha nk'icye gusa, ahubwo acyongeraho ubwibone no kujōra abandi.

"Kristo wenyine ni we cyitegererezo nyakuri cy'imico, kandi umuntu wigira urugero rw'abandi aba yishyira mu mwanya wa Kristo. Kuko Data yahaye "Umwana we ngo abe ari we uca amateka yose" (Yohana 5:22), umuntu wese wiha gucira abandi urubanza, aba ashimuta ubutware bw'Umwana w'Imana. Abo bantu baca imanza kandi bakanenga batyo baba bishyira mu ruhande rwa Antikristo (urwanya Kristo), "umubisha wishyira hejuru y'icyitwa Imana cyose cyangwa igisengwa, kugira ngo yicare mu rusengero rw'Imana, yiyerekana ko ari Imana." Abatesalonike 2:4. – *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.125,126.

"Ntidushobora gusoma umutima. Igihe natwe turi abanyamafuti ntitubasha gucira abandi urubanza. Abantu buntu bashobora guca imanza z'ibigaragara gusa. Uzi ibikorwa bihishwe mu mutima wenyine, akorohera abantu kandi akabagirira impuhwe, ni we wahawe gucira urubanza umuntu wese." – *Ibid.,* p.124.

## 3. UBWISHINGIZI BW'AGACIRO KENSHI

Kuwa Gatatu
18 Werurwe

**a. Ni ubuhe bwishingizi buhabwa umuntu wese wizera Kristo mu buryo bwuzuye? Yohana 5:24.**

"Muri buri tegeko ryose no muri buri jambo ryose byo mu ijambo ry'Imana harimo imbaraga, ubugingo bw'Imana ubwayo, iryo tegeko n'isezerano bishobora gusohozwa. Uwakira ijambo ry'Imana kubwo kwizera, aba yakiriye ubugingo ndetse n'imico by'Imana." – *Imigani ya Kristo*, p.38.

"Umurimo ukomeye ukorerwa umunyabyaha ufite ibizinga kandi wandujwe n'ikibi, ni umurimo wo gutsindishirizwa. Uvuga ukuri ni we umuhamya ko ari umukiranutsi. Uwiteka abara gukiranuka kwa Kristo ku mwizera, akamuhamya ko akiranuka imbere y'abatuye isi n'ijuru. Ashyira ibicumuro bye kuri Kristo, uhagarariye umunyabyaha, umusimbura kandi akaba umwishingizi we. Ashyira kuri Kristo gukiranirwa kwa buri muntu wese wizeye. 'Kuko utigeze kumenya icyaha Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw'Imana.' (2Abakorinto 5:21).....

"Nubwo amategeko aduciraho iteka twebwe abanyabyaha, Kristo ku bwo kumvira amategeko, asabira umuntu wihannye guhabwa gukiranuka kwe. Kugira ngo gukiranuka kwa Kristo kuboneke, ni ngombwa ko umunyabyaha amenya icyo kwihana ari cyo, ari nako kuzana guhinduka mu bitekerezo, mu mwuka no mu bikorwa. Umurimo wo guhinduka ugomba gutangirira mu mutima, ukagaragaza imbaraga yawo binyuze muri buri bushobozi bwose bw'umuntu uko yakabaye; ariko umuntu ntashobora kwiremamo kwihana kumeze gutyo, ashobora kukubonera gusa muri Kristo wenyine wazamutse mu ijuru afite iminyago myinshi agaha abantu impano." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 1, p.392,393.

**b. Ni ubuhe bushobozi bw'Imana, Kristo yahishuye ko na we afite? Yohana 5:25 – 29.**

"Umwana w'umuntu yashyiriweho kuba umucamanza bitewe n'uko yasogongeye ubusharire bw'umubabaro n'ibigeragezo by'umuntu, kandi akaba asobanukiwe n'intege nke n'ibyaha by'abantu; bitewe nuko yarwanyije kandi anesha ibigeragezo bya Satani ku bwacu, bityo akaba agirira neza mu butabera abantu yameneye amaraso ngo abakize." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.210.

"Kristo afite ububasha bwo guha ubugingo ibiremwa byose." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 1, p.249.

a. Ni gute Yesu yasobanuye impamvu Abayuda batari bafite ukwizera? Yohana 5:37,38.

"Mu cyimbo cyo kubasaba imbabazi ku gikorwa cyari cyabateye kumwivovotera cyangwa ngo yisobanure ku cyo yari agamije mu kugikora, Yesu yahindukiranye abo bayobozi, maze uwaregwaga aba ahindutse urega. Yabacyahiye kwinangira imitima kwabo no kuba ari injiji mu bijyanye n'Ibyanditswe Byera. Yababwiye ko banze kwakira ijambo ry'Imana nkuko banze kwakira Uwo yatumye." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.211.

b. Kubera iki Abayuda batashoboraga gusobanukirwa Ibyanditswe? Yohana 5:39,40.

"Muri buri nyandiko, yaba iy'amateka, cyangwa iy'amategeko, cyangwa iy'ubuhanuzi, Isezerano rya Kera ry'Ibyanditswe Byera ribengerana ubwiza bw'Umwana w'Imana. Gahunda y'idini y'Abayuda, nkuko yari yarashyizweho n'Imana, yose uko yakabaye yari ubuhanuzi bukusanyirijwe hamwe bw'ubutumwa bwiza. Kristo "abahanuzi bose baramuhamije." Ibyakozwe n'Intumwa 10:43. Uhereye ku isezerano ryahawe Adamu, ugakomereza mu ruhererekane rw'abakurambere no mu murage w'amategeko, umucyo w'ijuru urabagirana wagaragaje neza intambwe z'Umucunguzi. Uko ibintu by'ahazaza byari imbere yabo mu rukurikirane rw'agatangaza, abahanuzi bitegerezaga Inyenyeri y'i Betelehemu, ariyo Shilo wagombaga kuza. Urupfu rwa Kristo rwerekanirwaga muri buri gitambo cyatambwaga. Muri buri mwotsi w'umubavu hazamukagamo gukiranuka Kwe. Muri buri mpanda ya yubile havugiragamo izina Rye. Mu bintu bitangaje by'ubwiru bw'Ahera Cyane habagamo ubwiza Bwe.

"Abayuda bari batunze Ibyanditswe Byera, maze bakibwira ko mu kugira ubumenyi bw'amagambo yabyo byabahesheje ubugingo buhoraho. Ariko Yesu yaravuze ati, "ntimufite n'ijambo rye riguma muri mwe." Kubwo kwanga kwakira Kristo binyuze mu ijambo yababwiye, ni We ubwe bari banze. Yarababwiye ati, "Mwanze kuza aho ndi ngo muhabwe ubugingo."

"Abayobozi b'Abayuda bari barize inyigisho z'abahanuzi zirebana n'ubwami bwa Mesiya, nyamara ibyo ntibabikoranye ubushake buvuye ku mutima bwo kumenya ukuri, ahubwo babikoze bagambiriye kubona ibihamya byo gushyigikira ibyifuzo byabo byo kuba ibirangirire. Ubwo Kristo yazaga mu buryo butandukanye n'ubwo bari biteze ko azazamo, ntibagombaga rero kumwakira, bityo kugira ngo bisobanure bagerageje guhamya ko ari umubeshyi. Igihe bari bamaze gushinga ikirenge muri iyo nzira, byari byoroheye Satani kubinjizamo umwuka wo kurwanya Kristo. Amagambo bakagombye kuba barakiriye nk'igihamya cy'ubumana Bwe, bayasobanuye mu buryo bwo kumurwanya. Kubw'ibyo, ukuri kw'Imana baguhinduye ikinyoma." – *Ibid.*, p.211,212.

## 5. UBWIZA BW'IMANA

Kuwa Gatanu
20 Werurwe

a. Ni iki cyatumye Abayuda banga Yesu maze bagashaka abigisha b'ibinyoma? Yohana 5:41 – 44.

---

"Yesu yaravuze ati, "Simparanira gushimwa n'abantu." Ntabwo ubwamamare bukomotse ku Rukiko Rukuru rw'Abayuda ndetse no kumwemera kwabo ari byo bintu yifuzaga. Nta shimwe yari kwemera kwakira rivuye mu kuba bamwemera. Yari yarahawe ikuzo n'ububasha byo mu ijuru. Iyo abishaka, abamarayika baba baraje bakamuha icyubahiro, ndetse na Se aba yarongeye agahamya ko ari Imana. Ariko, ku bwabo, ku bw'ishyanga bari babereye abayobozi, yifuzaga ko abayobozi b'Abayuda bamenya neza imico Ye maze bakakira imigisha yari abazaniye.

"Jye naje mu izina rya Data ntimwanyemera; ariko undi naza mu izina rye ubwe muzamwemera." Yesu yaje kubw'ubushobozi bw'Imana, afite ishusho yayo, asohoza ijambo ryayo, ashaka ikuzo ry'Imana; ariko abayobozi ba Isirayeli ntibamwakiriye, nyamara igihe hari kuza abandi bantu bavuga ko bafite imico ya Kristo ariko bakoreshwa n'ubushake bwabo kandi bishakira ikuzo ubwabo, bari kubakira. Mbese ibyo ni ukubera iki? Ni ukubera ko uwishakira ikuzo rye bwite yitabaza ibyifuzo byo kwishyira hejuru y'abandi. Bene ibyo byifuzo Abayuda bari kubyemera. Bari kwemera umwigisha utari uw'ukuri kubera ko yari kuba yagushije neza ubwibone bwabo, yemera ibitekerezo n'imigenzo byabo bari bagundiriye. Ariko inyigisho ya Kristo yo ntiyahuzaga n'ibyo batekereza. Yari inyigisho y'umwuka kandi igasaba ko inarijye ibambwa, nicyo gituma batari kuyemera. Ntabwo bari bazi Imana, bityo rero ijwi Ryayo ryanyuraga muri Kristo ryari ijwi ry'umunyamahanga.

"Mbese ibyo sibyo binakorwa muri iki gihe cyacu? Mbese ntihariho benshi, yemwe no mu bayobozi b'idini, banangira imitima yabo bakarwanya Umwuka Wera, bagatuma bitabashobokera kumenya ijwi ry'Imana? Mbese ntibaba barimo kwanga ijambo ry'Imana kugira ngo babone uko bagendera mu migenzo yabo?" – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.212,213.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
21 Werurwe

1. Ni ubuhe butware n'uburenganzira Kristo yavugaga ko afite?
2. Ni iyihe sano Yesu yari afitanye na Se kuva kera?
3. Ni iyihe mbaraga itanga ubugingo Kristo afite?
4. Sobanura amagambo aboneka muri Yohana 5:39.
5. Sobanura ingaruka zageze ku ishyanga ry'Abayuda bitewe n'uko banze kwemera ko Yesu ari Mesiya.

Ku Isabato, 29 Werurwe 2025

**Icyigisho 13**

# Yesu agaburira imbaga y'abantu benshi

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Yesu arabasubiza ati: 'Nta kibajyanayo, mube ari mwe mubagaburira'." (Matayo 14:16).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero*, vol 6, p.341 – 348.

"Akenshi turazarira, tukanga gutanga ibyo dufite byose, dutinya ko byashira tugasigarira aho. Nyamara Yesu aratubwira ati, "Mube ari mwe mubagaburira." Itegeko rye ririmo isezerano; kandi muri iryo sezerano harimo imbaraga za zindi zagaburiraga abantu ibihumbi bitanu bari hafi y'inyanja." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.369.

## 1. ABANTU BASHONJE

Kuwa Mbere
23 Werurwe

a. Uretse abigishwa, ni nde wundi wajyanye na Yesu igihe yambukaga inyanja ya Galilaya mbere ya Pasika? Yohana 6:1,2.

---

---

"Kristo yari yaruhukanye n'abigishwa be bajya kwiherera ahantu hitaruye, ariko ituze bari bafite ntiryamaze umwanya munini. Abigishwa bibwiye ko aho bagiye kwiherera ntawe uri bubabuze amahoro; ariko ubwo abashakaga Yesu bamuburaga, barabajijje bati, "Ari he?" Hari bamwe muri bo bari babonye aho Kristo n'abigishwa be bagiye. Hanyuma bamwe banyura iy'ubutaka ngo babasange, abandi babakurikira bari mu bwato. Igihe cya Pasika cyari cyegereje, kandi abaturutse imihanda yose, banyuraga aho bajya i Yerusalemu, barakoranye bifuza kureba Yesu. Bakomeje kwiyongera, kugeza ubwo bageze ku bihumbi bitanu, abagore n'abana batabariwemo. Mbere y'uko Kristo agera ku nkombe, abantu benshi bari bamutegereje. Nyamara yanyuze aho batamubona, abanza kumara umwanya muto ari kumwe n'abigishwa be." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.364.

b. Sobanura imimerere y'iby'umwuka abantu bari bateraniye aho bari bafite. Mariko 6:34.

---

## 2. KWITA KU BYO DUKENEYE

Kuwa Kabiri
24 Werurwe

**a. Ni iki Yesu yabonye mu buryo burangwa n'impuhwe abantu bari bakeneye, kandi ni gute yakoresheje ayo mahirwe kugirango agerageze ukwizera kwa Filipo, umwigishwa we? Yohana 6:3 – 6.**

---

---

"[Yesu] yitegereje abantu bateraniye ku musozi, maze yumva abagiriye impuhwe. Nk'uko bisanzwe umwanya wo kuruhuka yawugize muto. Yabonye abantu bakomeza kuza, maze abona ko akeneye kubitaho. Kristo "yabagiriye impuhwe, kuko bari bameze nk'intama zitagira umwungeri." Yavuye aho yari yiherereye n'abigishwa, maze ashaka ahantu hakwiriye ho kubigishiriza. Nta bufasha bari bavanye ku batambyi n'abakuru; ariko amazi y'ubugingo akiza yatembaga ava muri Kristo ubwo yigishaga iyo mbaga iby'inzira y'agakiza....

"Kuri bo, uwo munsi wari umeze nk'aho ijuru ryaje ku isi, ndetse kuri bo ntibari bakibuka ko bamaze umwanya muremure batarabona ibyokurya.

"Umunsi wari ukuze. Izuba ryari rirenze, nyamara abantu bari bagishaka kuguma aho. Yesu yari yakoze umunsi wose atigeze aruhuka cyangwa ngo afate icyo kurya. Yari ashonje kandi ananiwe, maze abigishwa be bamusaba kuruhuka imirimo y'uwo munsi. Ariko ntiyashakaga gusiga imbaga y'abantu benshi bari bamukikije....

"Uwigishije abantu inzira yo kugera ku mahoro n'umunezero, ni na we witaye ku byo umubiri wabo wari ukeneye nk'uko yitaga ku by'umwuka byabo. Abantu bari bananiwe kandi bafite intege nke. Harimo ababyeyi bateruye impinja n'abandi bana bato bafashe imyenda yabo. Benshi bari bamaze umwanya muremure bahagaze....

"Benshi bari baturutse kure, kandi batigeze bagira icyo barya uhereye mu gitondo. Bashoboraga kugenda bakagura ibyo kurya mu midugudu ndetse n'imigi yari izengurutse aho.... Ariko Yesu aravuga ati, "Mube ari mwe mubagaburira," hanyuma Yesu abaza Filipo ati, "Turagura hehe ibyokurya ngo aba babone ibyo barya?" Ibyo yabivugiye kugira ngo agerageze kwizera kwa Filipo, umwigishwa we." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.364,365.

**b. Mbese Filipo yabyakiriye ate? Yohana 6:7.**

---

---

"Filipo yarebye imitwe myinshi y'abantu bari bateraniye aho, atekereza ko bidashoboka kubona ibyokurya byahaza abantu bangana batyo. Filipo yashubije ko naho hagurwa imitsima y'idenariyo magana abiri itabakwira, nubwo umuntu yaryaho gato." – Ibid.

## 3. ICYARI GIHARI ICYO ARICYO CYOSE

Kuwa Gatatu
25 Werurwe

**a. Ni ayahe makuru Andereya yahaye Yesu, kandi se ni iki Umwami yabwiye abigishwa Be gukora? Yohana 6:8 – 10.**

---

"Yesu yifuje kumenya ingano y'ibyokurya baba bafite aho hafi. Maze Andereya aravuga ati, "Hano hari umuhungu ufite imitsima itanu y'ingano, n'ifi ebyiri. Ariko ibyo byamarira iki abantu bangana batya?" Yesu yasabye ko babimuzanira. Ategeka abigishwa ko babicaza mu byatsi bigabanyijemo amatsinda y'abantu mirongo itanu n'andi y'abantu ijana, kugira ngo haboneke gahunda ihamye, kandi bose babone neza icyo yendaga gukora." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.365.

**b. Sobanura intambwe Kristo yateye kugirango atubure ibyo kurya, kandi ni ayahe masomo dushobora kubikuramo? Matayo 14:19; Mariko 6:37 – 41; Yohana 6:11.**

---

---

"Yesu ntiyigeze ashaka kwireherezaho abantu abaha ibyo irari ryabo ryifuza kugira ngo bishimishe. Kuri abo bantu benshi, hanyuma yo kumutega amatwi umunsi wose, igaburo ryoroheje Yesu yabahaye ntiryari iryo kubagaragariza ubushobozi bwe gusa, ahubwo yashakaga no kubereka uburyo abitaho mu byo bakeneye biciriritse bya buri munsi. Umukiza ntiyasezeraniye abayoboke be kubaha ibinezeza by'isi; ibyokurya byabo bishobora kuba ibisanzwe, ndetse bakabibona bigoranye; bashobora kubaho mu bukene; nyamara Ijambo rye ribahamiriza ko azabaha ibyo bakeneye, kandi yabasezeraniye ibiruta kure ibyo isi ishobora gutanga — ko azababa iruhande kugira ngo ababere byose." – *Umurimo wo Gukiza*, p.47,48.

"Muri iki gitangaza, Kristo yahawe na Se, na we ahereza abigishwa, abigishwa bahereza abantu, n'abantu baha bagenzi babo. Uko niko abantu bagirana ubumwe na Kristo bahabwa umutsima w'ubugingo umuturutseho, noneho na bo bakawuha abandi. Abigishwa Be nibo bashyiriweho kuba uburyo bwo gushyikirana hagati ya Kristo n'abantu." – *Ibid.*, p.49.

**c. Ni irihe somo ry'umurimo nyakuri turi kwibutswa aha ngaha? Yesaya 61:6.**

---

"Abigishwa bazaniye Yesu ibyo bari bafite byose; ariko ntiyabararikiye kurya. Yabasabye kugaburira abantu. Ibyo kurya byariyongereye mu biganza Bye, no mu biganza by'abigishwa, ubwo bageraga kuri Kristo ibiganza byabo ntibyaburaga kuzuzwa. Ububiko buto bw'ibyo kurya bwari buhagije kuri bose. Igihe iyo mbaga y'abantu yari imaze kugaburirwa, abigishwa basangiye na Yesu ibyo kurya by'igiciro cyinshi byatanzwe n'ijuru." – Ibid.

## 4. UBWIZA BWO GUSANGIRA

Kuwa Kane
26 Werurwe

**a. Ni iki twakwigira ku mabwiriza y'ingenzi Yesu yatanze amaze kugaburira imbaga y'abantu? Yohana 6:12,13.**

---

"Ubwo bari bamaze gutoragura ubuvungukira, abantu bibutse inshuti zabo zasigaye imuhira. Bifuje gusangira na bo ibyo kurya Yesu yahaye umugisha. Ubuvungukira bwari mu ntonga babuhaye abantu babushakaga cyane, kandi babujyana mu duce tuzengurutse aho." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.368.

"Yesu yategetse abigishwa Be ati: 'Nimuteranye ubuvungukira busigaye hatagira ikintu gipfa ubusa.' Aya magambo ntiyasobanuraga gusa gushyira iyo mitsima mu ntonga. Ahubwo harimo ibyigisho bibiri. Ntacyo tugomba gupfusha ubusa. Nta bifite akamaro byo muri ubu buzima dukwiriye gutuma bipfa ubusa. Ntabyo dukwiriye kwirengagiza byagirira akamaro abantu. Ibyafasha abashonje bari hano ku isi bikwiriye gushyirwa hamwe. Mu buryo nk'ubwo, natwe tugomba kwitonda kugirango tubone umutsima uturuka mu ijuru wo guhaza imitima y'abawukeneye. Tugomba kubeshwaho na buri jambo ryose ry'Imana. Nta kintu na kimwe Imana yavuze kigomba kuzimira. Ntitugomba guhinyura n'ijambo rimwe ryerekeranye n'agakiza kacu k'iteka. Nta jambo na rimwe rigomba kugwa hasi ritagize akamaro." – *Umurimo wo Gukiza,* p.48.

**b. Nubwo bishobora kugaragara nk'aho bitoroshye cyangwa bidashoboka, ni iyihe ndangagaciro ya Gikristo dusabwa kwimenyereza? Yesaya 58:6 – 8; 1Petero 4:9.**

---

"Mu bibazo byose bitunguranye tugomba gushakira ubufasha ku Ufite ubutunzi butagira akagero kubw'itegeko Rye....

"Iyo tubonye ubuhanya bw'abakene, abatagira ubumenyi n'abugarijwe n'ibibazo, ni kangahe imitima yacu ikorwaho? Turabaza tuti: imbaraga nke zacu n'ubutunzi buke dufite byatumarira iki mu kugira icyo dufashisha izo mbabare? Mbese tuzategereza umuntu ufite ubushobozi buruta ubwacu kugirango ayobore uwo murimo, cyangwa se dutegereze ko hari umuryango runaka uzawuyobora? Kristo aravuga ati: 'Mube ari mwe mubagaburira.' Koresha ubutunzi ufite, igihe ufite, n'ubushobozi ufite. Zanira Yesu amarobe yawe y'imitsima.

"Nubwo umutungo wawe ushobora kuba udahagije ku kugaburira abantu babarirwa mu bihumbi, ushobora kuba uhagije ku kugaburira umuntu umwe. Mu kiganza cya Kristo [uwo mutungo] ushobora kugaburira abantu benshi. Kimwe n'abigishwa, mujye mutanga ibyo mufite. Kristo azatubura impano. Azagororera abamwiringira mu budahemuka, kandi bakamwishingikirizaho. Ibyagaragaraga ko ari ugusangira koroheje, bizahinduka ibirori bikomeye." – *Ibid.*, p.49,50.

## 5. UMUREMYI WACU KANDI UDUHA IBYO DUKENERA

Kuwa Gatanu
27 Werurwe

a. Ni ibihe bintu by'agahebuzo biranga Imana tutagomba kwibagirwa? Zaburi 37:25,26; Abafilipi 4:19.

---

"Ubuntu bw'Imana bwashyizwe ku byokurya bike ni bwo butuma bihaza bose. Ukuboko kw'Imana gushobora gutubura [ibyo byokurya] inshuro ijana. Imana ikoze mu butunzi bwayo, ishobora gutunganya ameza magari mu butayu. Kubw'ikiganza cyayo, ishobora gutubura utwokurya duke cyane igatuma duhaza abantu bose. Imbaraga zayo ni zo zatuburiye imitsima na sayiri mu biganza by'abana b'abahanuzi....

"Kandi n'igihe Yesu yategekaga abigishwa be kugaburira imbaga y'abantu, abigishwa baramusubije bati: "Dusigaranye imitsima itanu n'ifi ebyiri, keretse twagenda tukagurira aba bantu bose ibyokurya." Luka 9:13. Mbese ibi byamarira iki abantu benshi bangana batya?

"Aha hari icyigisho ku bana b'Imana bo mu bihe byose. Iyo Uwiteka atanze umurimo ugomba gukorwa, nimutyo he kugira umuntu n'umwe uhagarara ngo yibaze ku gushyira mu gaciro kuri muri iryo tegeko cyangwa ngo yibaze ku musaruro ushobora kuva mu muhati wo kumvira iryo tegeko. Ibiri mu biganza byabo bishobora kuba bidahagije ngo bikemure ubukene buhari; ariko mu biganza by'Uwiteka bizagaragara ko ari byinshi ndetse birenze urugero....

"Ubukene bukomeye cyane itorero rifite muri iki gihe ni ubwo gusobanukirwa byuzuye isano n'umubano Imana ifitanye n'abo yaguze impano y'Umwana wayo. Ni ukwizera gukomeye cyane kuko hazabaho iterambere ry'umurimo wayo ku isi. Nimutyo he kugira umuntu n'umwe uta igihe cye ababazwa n'ubuke bukabije bw'ibyo afite bigaragarira amaso. Iby'inyuma bigaragarira amaso bishobora kudatanga icyizere, ariko imbaraga no kwiringira Imana bizatubura ibihari. Impano izaniwe Imana umuntu ayishima kandi asenga asaba umugisha wa Yo, izayitubura nk'uko yatubuye ibyokurya byahawe abana b'abahanuzi ndetse n'ibyahawe imbaga y'abantu bari bananiwe kandi bashonje." – *Abahanuzi n'Abami,* p.241 – 243.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
28 Werurwe

1. Sobanura inyifato abantu bari bafite igihe bumvaga amagambo ya Kristo.
2. Ni gute Umwami yabahaye ibyo bari bakeneye mu buryo bw'umubiri?
3. Ni iki twakwigira ku buryo Kristo yashyize imbaga y'abantu kuri gahunda?
4. Ni iki ngomba kwibuka igihe cyose hagize umbwira ngo "Mube ari mwe mubagaburira"?
5. Vuga ibihe wahawemo ubuntu bw'Imana mu buryo bw'umwihariko.

# Amaturo y'Isabato ya Mbere




## Ku Isabato, 4 Mutarama

### Azagenerwa Ikigo Nderabuzima n'Uburezi muri Paragwe

Impano mutangana ubuntu zizazahura ubuzima n'ukwizera bya benshi

( Reba p. 4 )



## Ku Isabato, 1 Gashyantare

### Azagenerwa kunganira abagezweno n'ibīza ku isi

Iri turo ritanga ubufasha ku bantu bo mu turere twazahajwe n'ibīza, indwara, urupfu, cyangwa ibihe by'amajye

( Reba p. 25 )




## Ku Isabato, 1 Werurwe

### Azagenerwa Ikigo cy'Uburezi cyitwa "Abana b'imico myiza" cyo muri Romaniya

Azafasha mu kurangiza kubaka ikigo gishya cy'uburezi bw'abana bato muri Romaniya

( Reba p. 51 )